# Ukugirwa Umwana #4
Jeffersonville, Indiana, USA
22 Gicurasi 1960

1 1… Ku nshuti zacu, turanezerewe kugaruka hano muri iri torero kuri uyu mugoroba. Harashyushye gato, kandi turibugerageze kwihuta mu buryo bushoboka, duhite twinjira mu butumwa.

Icya mbere, dufite amatangazo amwe yo gutanga kubashaka amasengesho by'umwihariko. Mfite amabaruwa yanyu hariya inyuma ayo bampaye, kandi na mushiki wacu wumva afite ikibyimba ku bwonko, ndetse hari undi uri muri Louisville, ndetse n'undi mubwiriza mwene Data, ise afite ikibazo cy'umutima. Kandi hari benshi, abantu benshi barwaye mu isi uyu munsi. Benshi barahamagara, kandi nyakuri dushaka kubasengera n'umutima wacu wose kugira ngo Imana idufashe.

2 Urebye mirongwicyenda na gatanu kw'ijana by'umurimo wanjye igihe cyose ni ugusengera abarwayi (Murabona?), ariko hari ukuntu mfite uburyo buto mbibona… Nubu ndacyasengera abarwayi. Mwibuke ibyo. Ibyo bijyana nabyo, ariko, iyo dushobora kugeza itorero kurugero rw'aho ribasha kuba mu murongo bityo tukinjira mu murongo. Murabibona. Rigeze aho ryishyira hamwe (Murabona?) ibintu byose biri hamwe.

Ikindi kintu cyakoze ku mutima wanje mu kanya gato gashize. Ni igihe uriya mugabo muto wasezerewe mungabo, kamwe mu maboko barakarashe hafi yo kuvaho, ukuguru hafi yo kuvaho… Ntabwo ari hano kugira ngo anyumve aka kanya, ariko nyakuri n'umuntu w'intwari witwa Roy Roberson, umwe mu bayobozi bacu hano ku rusengero kandi ni mwiza, umuntu w'Umukristo... Yahagaze hariya maze aravuga ati, "Mwene Data Branham, ntiwibagirwe perezida." Ati, "Byanteye kumva mbabaye igihe yamanukaga..." Nabonye kuri televiziyo, arimo amanuka mu ndege, amarira atangira gutemba ku matama ndetse iminwa ye irimo inyeganyega hirya no hino... Murazi, we yari aho hamwe na Roy ndetse bombi muri iyo ntambara.

3 Uko waba unyuranye nawe muri politiki, ariko ni perezida wacu. Yego, mugabo. Kuri njye, ntabwo ndi Umudemocrate nta nubwo ndi Umurepublican; ndi Umukristo. Ariko ndababwiye; ndababwiye nagize kwishimira cyane Perezida Dwight Eisenhower. Yego, mugabo. Nyakuri yabaye umugabo ukomeye mu buryo njye mbibonamo. Iyo yongera kuyobora indi nshuro, kandi nkaba ntora, najyaga kongera kumutora. Uko ni ukuri. Ntabwo nitaye kukuba yaba afite imyaka ijana, nabwo namutora, kubera ko mukunda. Noneho reka tumwibuke mu masengesho uyu mugoroba.

J.T.,nyakuri nkunda ariya materaniro meza mwebwe na Mwene Data Williard mwagize muri iki cyumweru. Iyo njya kuyazamo mvuye hanze, mwese mwari kuvuga muti, "Nibyo, Mwene Data Branham, ubu urazi uyu n'uyu," ariko nibyiza ko mpagarara hanze maze nkabumva. Ese ntimubibona? [Mwene Data Branham araseka—Ed.] Nta kibazo. Ni byiza.

4 Mfite ubusabe bw'andi matorero niba mwese mubishaka. Niba mushaka kujya kubabera abapasteri ubu, niba mufite imyitozo yanyu ndetse, ari nayo ntekereza ko mufite, kandi mukaba mukomeye, mfite umwe uri muri Oregon, kandi abandi bari muri Washington, California, n'Arizona, ahantu hatandukanye. Kandi niba mushaka gufata itorero cyangwa ikindi, rero, aha ni ahantu heza ho gutangirira, ahangaha. Kandi hari ubugingo burira ahantu hose yewe no mu bice by'abahinde n'ahandi hose washaka kujya. Noneho uzabitumenyeshe, kubera ko nizeye ko mwe basore mukomeye ubu. Uko ni ukuri. Nkunda kubareba barimo gukora ibyo.

Hari Mwene Data Ruddell hano haruguru ku muhanda. Agiye kugira amateraniro mu minsi mike, tugiye kugira ububyutse, Mwene Data Ruddell ni we uzabikora. Kandi mwibuke nagiye ngerageza gusunika uriya muhungu muto aho hose ngerageza gutuma ava mu bwoba maze akabwiriza. Yakundaga kujya inyuma. Yajyaga avuga ati, "Ntabwo nashobora kuvuga." He he! Mukwiriye kumwumva. Murabona, murabona? Ntabwo uba uzi ibyo washobora gukora kugeza ubwo uretse Umwuka Wera akagufata. Uko ni ukuri.

5 Mwene Data Graham Snelling muri Utica na Mwene Data Junior Jackson hariya hepfo, bose tubafata nk'amatorero dusangiye kwizera hamwe na twe. Twe turi hamwe. Ntabwo tuvuguruzanya ku nyigisho zacu; ibyiringiro byacu, ibyo tugamije, inyigisho zacu ni kimwe. Tuba turi kumwe kuriburi kintu. Turi itorero rimwe, nuko tuba twagiye hirya no hino kugira ngo bakwire hose. Dufite bamwe muri Afurika, abandi mu Buhinde, n'aha hose mu gihugu. Twe... Aho niho tubashaka, bagakwiza inkuru.

Kandi mbona bene Data bato baza nka Mwene Data J.T. Parnell hano, na Mwene Data Williard, kandi abo igihe barimo baza, mwe basore bato igihe ndimo nsaza… Niba hariho ejo hazaza, hazabaho abantu b'ejo. Ntabwo nshaka ko ubu butumwa bupfa. Ntabwo bwapfa. Bugomba kubaho, kandi ntabwo nizera ko dufite igihe kirekire cyo kubujyana.

Umwana muto bavuze ko yari agiye gupfa, nabonye ko mwagumanye mu rusengero uyu munsi wose, mushiki wacu. Ibyo ni byiza. Turashimira Umwami kubw'ibyo, ko Umwami yatugiriye ubuntu, Yuzuye imbabazi. Mukomeze mwizere ibyo mwabwiwe hano. Murabona? Bizagenda neza.

6 "Noneho, Ese muranezerewe kubwirizwa? Mukunda kubwirizwa? Oh, njye…njye nyakuri ntekereza ko

bitugwa neza. Biduha akaruhuko gato mu gusengera abarwayi, n'amayerekwa, no gukira kwa Kimana. 'Kubera ko ubu nimugoroba, nyuma y'amateraniro, turibusengere abarwayi indi nshuro nimugoroba. Igihe cyose tuba dushaka gukora nk'ibyo. Kubatiza byibura umuntu umwe igihe icyo aricyo cyose.'"

Ni bangahe bibuka igihe najyaga nkora kuri iyo mirongo y'amashanyarazi? Rero, nagenda kuri iyo mirongo y'amashanyarazi ibihe byinshi. Bikansaba kugenda ibirometero mirongwine n'umunani birenga ku munsi ngenda mu bihuru. Narimfite ibirometero maganane na mirongwitanu ngomba kugenda. Namanukaga aho hepfo, mfie ishati mu biganza, kandi noneho, naniwe, ndimo ngenda aho mu ishyamba n'amahwa agitoshye akankeba

Ngahura n'abahinzi bamwe bashaje maze tukicara munsi y'igiti maze nkamubwira ibijyanye no kubatizwa mu Izina rya Yesu. Akavuga ati, "Rero, igihe cyose namye nshaka kubatizwa."

Akavuga ati, "Ntabwo ari kure kugera ku mugezi"

7 Kandi yashoboraga kuvuga ati… Kandi namanukanye benshi kugira ngo njye kubabatiza mu Izina rya Yesu. Nkamanuka aho ku mashanyarazi bigoye mu buryo nashobora bwose. Uko ni ukuri. Inshuro nyinshi nkaba ndi muri iyo myeda yanjye yo gukorana ishaje manutse ku mapoto. Nkicara aho ndimo nkora aho hose ku mapoto; nari umuntu ukora iby'amapoto y'amashanyarazi, ndimo nkora aho hejuru ku mapoto, hamwe n'umuntu, nkavugana nawe ibijyanye n'Umwami. Akavuga ati, "Rero, Billy, umwe muri iyi minsi nzaza ku rusengero rwawe maze mbatizwe."

Nuko nkavuga nti, "Kubera iki ugomba gutegereza kugera ubwo? Turi hano ku mugezi, huzuye amazi ahangaha." Bifatirane aka kanya. Uko ni ukuri. Icyo nicyo gihe. Niko Filipo yavuze…

8 Inkone yaravuze iti Filipo, "Hano hari amazi, ni iki kitubuza? " Uko ni ukuri. Nta na kimwe, niba witeguye, iki nicyo gihe. Ntiwemerere Satani ko abona amahirwe yo kugira icyo acengezamo aho. Ntugashyire ejo hazaza ibintu washobora gukora none. Ejo hazaza hashobora kutabaho kuri wowe.

Nibuka igihe kimwe nakoze ibyo, narize, byampaye isomo. Naretse ikintu nagombaga kuba nakoze umunsi umwe, nuko mu gitondo gikurikiyeho byari byakerewe cyane.

9 Noneho, nyakuri, ntabwo nshaka kubatindana iki gihe cyose, ariko numvaga ahari… ahari ntatuje kandi ntabizi. None ndumva meze neza, kugeza n'aho numva ari nkaho ntari muri njye; ndumva meze neza cyane.

Noneho, reka twubike imitwe yacu akanya gato mbere y'uko twegera Ijambo.

Data wo mu ijuru, Uri Imana nzima, yonyine. Iri zuba rirenze, iryo zuba rimwe, Daniel yararirebye igihe ryarengaga; Yeremiya yarirebye rirenga Adamu yarirebye rirenga; Yesu yarirebye rirenga. Kandi ni iyo si imwe niyo babagamo kandi bakayigenderamo, none Uracyari ya Mana imwe.

Uyu mugoroba hari ibyifuzo byinshi; umuntu ufite ikibyimba kubwonko; mushiki wacu ufite ubwoba bw'icyo kintu kimwe. Ni Wowe byiringiro byonyine bihari kuri ibyo, Mwami. Icyo kibyimba kigeze habi; nta kintu gihari gishobora kugihagarika. Kigeze aho kirenze ubushobozi bw'abaganga. Ariko uyu mugoroba turagiye n'uyu muhumetso wacu muto, nyuma y'uwo mwana w'intama wo kugarurwa mu mukumbi wa Data. Mu Izina rya Yesu twohereje amasengesho kugira ngo yice intare, ikibyimba, ubwo burwayi bumeze nabi, abagarure mu mukumbi bameze neza.

10 Kandi twe, Mana, turibuka nimugoroba, mukundwa wacu Perezida, mwene Data… cyangwa Dwight Eisenhower. Yayoboye igihugu, Mwami; yagerageje kuturinda intambara. Yasezeranye ko intambara ya Korea izahagarara niba azabona uburyo yakora. Yasezeraniye abo babyeyi ko azagarura abo basore. Ariko yaravuze ati, "Kubwanjye kubikora, ntabwo nabikora. Nshobora gushyiramo imbaraga zanjye, ariko Imana yonyine niyo Igomba kubikora." Kandi wari kumwe nawe, Mwami, ndetse byose byarakemutse. Kubera iki badakwiriye kumubona kumwanya wa mbere? Mana, ndagusenze kugira ngo umufashe. Uhe umugisha buri bugingo, Mwami. Kandi ndagusenze kugira ngo udutoranyirize umuyobozi ugomba gukurikiraho. Uwo Wamenye mbere ko azabikora, Mwami.

Ariko Uwo twishimiye muri uyu mugoroba, tutarebye kuri gahunda z'igihugu, ni uyu ukomeye kandi mwiza Uwo ugomba kuza gushyiraho Ubwami butazagira iherezo, Umwami Yesu Umwana Wawe. Noneho bazarundanya intwaro; kandi inzogera zizavuzwa, kandi ntabwo hazongera kubaho intambara ukundi. Bazatera uruzabibu barye imbuto zarwo. Bazubaka amazu, bayabemo. Kandi ntabwo hazongera kubaho akaga nyuma y'ibyo.

Uduhe umugisha ubu ubwo tugiye kwegera Ijambo. Kandi Data, uzi impamvu ndimo kwegera Ijambo rivuye muri ibi Byanditswe hano. Ni ukubera ko numva ushaka ko mbikora muri ubu buryo, ubwo ni ubushake Bwawe bwa Kimana; ni gahunda yawe; ni… Ni gahunda y'umunsi ko wemerera abantu bakabona umwanya w'igihagararo cyabo kandi bakitegura isaha y'urugamba. Nkuko mwene Data yabivuze mu masengesho ye akubwira mu kanya gato gashize. "Oh, Waraduteguye cyane, Mwami." Noneho, Data,

uduhe amapeti yacu. Udushyire hariya hanze kubyo dukwiriye gukora, bityo tubashe kuba muri gahunda za Data. Kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu, Umwana Wawe. Amena.

11 Twagize nyuma ya sasita nziza muri iyi nyuma ya sasita, turimo tuvugana n'umuganga uzwi cyane hano muri Louisville, n'umuforomo we. Bumvishe ibintu bitangaje ku Mwami. Kandi ise ni umuganga. Noneho yaje yicara mu cyumba cyanjye hafi nyuma ya sasita yose, maze arinjira, azamo aho, umuntu mwiza; ariko ugoye gato, murazi, ukomeye cyane ku myemerere ye, Umupresbyteriani w'ukuri kuva kera, ariko yahavuye amarira atemba ku matama ye. Oh, njye... Imana irabafite bari ahantu hose mu biro by'abaganga n'abaforomo. Ntabwo nizera ko hari umuforomo mu bitaro bya Norton's Infirmary naba ntarahamirije kubijyanye no kwakira Umwuka Wera, kandi nkamubaza niba yarabatijwe mu Izina rya Yesu. Nta muganga n'umwe twavuganye, ahantu hose, nta n'ikindi... Murabona?

Mubibabwireho, Ntabwo mufite umwanya uhagije, mwene Data. Uburyo bwose byaba bigaragara ko bigoye hano, tegereza gato kugeza ubwo uzarenga uko guhumeka kwanyuma maze urebe, noneho uzifuza kuba warabikoze. Yego, mugabo. Ntugategereze kugera kuri icyo gihe; reka tubikore aka kanya. Iyi niyo saha. Oh, bashobora kutemera, kandi bakabirwanya ndetse bakajya impaka gato kuri byo, ariko sicyo baba bashaka. Nyakuri sicyo baba bashaka. Bo... Bo... ni abantu beza. Bazakugisha impaka, ariko ujye wibuka, ko batabishakagа. Ntabwo aricyo baba bashaka. Ni ukubera ko hari ibintu bigishijwe, kandi bakaba babikomeyeho, noneho ushobora kubona ibitekerezo byabo. Ntukajye impaka nabo; ntukagire uwo ujya impaka nawe, ahubwo ujye ubakunda muri ibyo. Maze ubasengere.

12 Rero, ndatekereza ko tumanutse ku murongo wa 9; ntabwo mbizi neza. Njye… Ibyo ni aha hose mu gice cya 3, ese sibyo, abagabo? Ariko noneho, ni nk'ubuki mu rutare kuri njye.

Twarimo tuvuga mu kanya, Twibuka, dushobora kongera gusubira inyuma mu nkomoko gato. Kandi noneho, Mwene Data Neville, uze kunkurura gato ninanirwa kubona igihe cyo kurekeraho, noneho nshobora kugira gusengera abarwayi. Turashaka gufata buri gace kose dushobora muri uyu mugoroba. Ndashaka guhamagara abantu ngo baze bihane. Njye... Ndasoreza kuri ibi ahari nshobora gusoma gusa

Ariko impamvu y'ibi, ni ukureba igihagararo cyawe muri Kristo, kubwo kubona ko atari ibintu waguyemo, cyangwa ikintu ushobora kuba wari ufite, cyangwa ukwiriye ahantu runaka, ariko nicyo Imana yagukoreye Ubwayo. Atari uko wari mwiza kugira ngo ujye kurusengero uwo mugoroba, kugira ngo uriya mwene Data uciye bugufi akuyobore kujya kwihana ku gicaniro, kandi ntabwo byari ibyo. Yari Imana, mbere y'imfatiro z'isi yakugeneye Ubugingo Buhoraho. Igihe uzagerayo kuri uwo munsi, ntabwo bitangaje ko mirongwine... Abakuru makumyabiri na bane bajugunya amakamba yabo hasi; buri bantu bakarambika amakamba yabo hasi; buri wese akubama; nta kintu bafite cyo kuvuga, nta mubwiriza, nta mukuru, nta kintu. Icyubahiro cyose ari icy'Umwana w'Intama, Imana izakusanyiraza hamwe ibintu byose kuri uwo munsi. Oh, niba dushobora kubimenya kandi tukamenya Uwo ari we, Uwo babambye.

Noneho, kuri ibyo...

13 Tuributangirire ku murongo wa 8, kugira ngo tubashe kubona aho dushingira.

ubwo yadushagirijeho bukatubera ubwenge bwose no kumenya,

itumenyesheje ubwiru bw'ibyo ishaka ku bw'ineza y'ubushake bwayo…

"Ubwiru bw'ubushake Bwayo..." Kandi muribuka uburyo twiziritse kuri ibyo? Reka turebe. Uburyo dukomera kuri ibyo, "ubwiru bw'ubushake Bwayo." Noneho, ntabwo ari ikintu gito; ahubwo ni ubwiru. Ubushake bw'Imana ni ubwiru. Kandi buri muntu agomba gushaka ubushake bw'Imana kubwe nk'umugabo cyangwa umugore, ubwiru bw'Imana.

Nigute tubibona? Pawulo, yarabimenyeshejwe. Yaravuze ngo ntabwo yigeze agira umuntu abaza, atari inyama n'amaraso. Nta shuri yagiyemo, nta seminari. Nta kintu yari afite gukorana nabyo. Ariko we… Yari yabihishuriwe na Yesu Kristo, Uwo wahuye nawe ajya i Damasco mu Mucyo umeze nk'Inkingi y'Umuriro, maze akamuhamagara. Nuko akajya muri Arabiya, kandi aho akahamara imyaka itatu. Oh, ese ntimutekereza ko icyo cyari igihe kirekire, Mwene Data Egan? Imyaka itatu Pawulo yari hano hepfo muri Arabiya, baramutije akazu gato ahantu, azamuka kandi amanuka aho kuri iyo nzu hamwe n'iyo mizingo ya kera. Nta mishya bari bafite; Pawulo arayandika, hafi yose. Aho nyine muri iyo mizingo ishaje, mbega iyo Mana, aho mu itangira Yatumenye mbere kubw'Ubugingo Buhoraho, mbega uko yagombaga kohereza Yesu, kugira ngo binyuze muri Icyo Gitambo twese tubashe kugira uburenganzira ku Giti cy'Ubugingo. "Abo Yamenye mbere, Yarabahamagaye, abo Yahamagaye, Yarabatsindishirije; abo Yatsindishirije, Yabahaye ubwiza."

Imana, kuva ku itangira ry'isi, yaduteganirije kuba abana. Noneho, ibyaremwe byose biratake, bitegereje kugaragazwa kw'abana b'Imana.

Oh, nshobora gutekereza ko Pawulo yari afite ibihe bitangaje. Nakwifuza kuba nari kumwe nawe hariya, Ese mwe si uko?

14 Noneho, aravuga ati,"Yatumenyesheje ubwiru." Igashyira Umwuka Wera kuri mwe igihe kimwe, kandi ikatangira gukoresha ibyo, kandi ikabyitegereza uko bigenda. Uyu mugoroba mfite, oh, nk'iminota mirongwitatu yo kubyiga, kugira ngo nkuremo isomo; ahari sibyo, ntabwo nabivuga igice, iminota cumi n'itanu hagati y'ibihe. Kandi ndagomba kwiruka, ndetse natekereje nti, "Ubwiru, mbega uko ari ubwiru." Kandi ibyanditswe byansubije inyuma muri isezerano rya Kera, bihuza ikintu, murabona ubwiru bwo kuza Kwe, ubwiru bw'ubushake Bwe, ubwiru bwacu turi hamwe.

Mwibuke, ntabwo byakwigishwa muri seminari. Ni ubwiru. Ntabwo wabimenya binyuze mu mashuri, binyuze muri tewolojiya. Ni ubwiru bwahishwe guhera ku mfatiro z'isi, butegereje kugaragazwa kw'abana b'Imana

15 Mumbwire,mwene Data, mbwira, mushiki wanjye, ni gihe ki kindi abana b'Imana bagomba kugaragazwa atari iki ngiki ubu? Ni gihe ki kindi cyigeze kibaho mu mateka, aho… bigaragaza igihe cyo kuzana ibyaremwe byose? Ibyaremwe, ibyaremwe ubwabyo birataka, bitegereje igihe cyo kugaragazwa. Kuko, mbere y'uko impongano itangwa, mbere y'uko Umwuka Wera usukwa, mbere y'Isezerano rya Kera ryose, aho hepfo, ntabwo hashoboraga kuba kugaragazwa. Byagomba gutegereza kugeza kuri iki gihe. Noneho, ibintu byose byarazanwe, byaraje, birimo kwihuza n'ibuye risoza, ku kugaragazwa kw'abana b'Imana bagarutse, n'Umwuka w'Imana aza mu bantu, ibyo biratunganye, kugeza ubwo umurimo wabo uzasozwa umeze nk'uwa Kristo, kugeze ubwo biziyunga kuri We n'Itorero Rye hamwe.

16 Ni bangahe bize amateka ya piramide? Ndakeka hano hari umugore umwe uzamuye ukuboko. Nibyo.

Imana yanditse Bibiliya eshatu. Imwe muri zo yari Zodiac mu nyenyeri. Iyo niyo Bibiliya ya mbere. Umuntu byamusabaga kureba hejuru kugira ngo amenye ko Imana ituruka hejuru. Ukurikiranye Zodiac; ese mwigeze mubyiga? Ndetse yahawe buri gisekuru, yewe n'igisekuru cya kanseri. yatanzwe kw'itangiriro, kuvuka kwa Kristo. Ni ikihe kimenyetso cyambere muri Zodiac? Umwari. Ni ikihe kimenyetso cyanyuma? Leo intare. Kuza kwambere no kuza kwa kabiri kwa Kristo, kandi ibyo byose byanditsemo aha.

Noneho Bibiliya yakurikiyeho kwandikwa, yari mu mabuye, yitwa piramide. Imana yanditse muri piramide. Iyo uyize, ukareba amateka ya kera n'intambara, uburyo zari zarubatswe mbere yo kurimburwa n'umwuzure.

17 Iya gatatu yanditswe ku mpapuro, Bibiliya, yari iy'igihe gikomeye, isi y'abahanga yagombaga kuzaza. Noneho, nkuko Imana yamanutse aho mu bisekuru, turi kuri Leo intare. Turi ku gasongero ka piramide. Turi mu Gitabo cy'Ibyahishuwe ku gice cya nyuma. Ubushakashatsi buvuga ko sasita za nijoro zibura iminota itatu. Oh, tekereza aho turi.

kandi mwitegereze, reka dufate piramide; biroroshye. Ikoze muburyo bujya kumera nka mpande eshatu.

Igihe twari hano hasi dutangira ku bisekuru bya mbere by'itorero, nyuma y'abagorozi mu gihe cya Luteri, icyo gihe umuntu kuvuga ko ari Umukristo, byari bisobanuye ubuzima kuri we cyangwa urupfu. Bashoboraga kumwica azize gusa kuvuga ko ari Umukristo. Kubw'ibyo banyura mu karengane. "Abariho bose bubaha Imana muri Kristo Yesu bazarenganywa."

Mu gisekuru cya Luteri, byari biteye ubwoba "Umuluteriyani." bagufataga nk'ukundirira kandi washoboraga kwicwa. Ibihe byinshi barabicaga babatwikiye ku biti, bakabatwika, na buri kintu kindi, kubw'Abaluteliyani.

18 Noneho itorero rigenda riba rito, bimeze kimwe na piramide. Birazamuka bifata indi ntambwe y'ubuntu, ariyo yari ukwezwa; Igihe cya Wesley, igihe yarwanyije itorero ry'Abangilikani, akigisha kwezwa. Rirongera riba rike, noneho aha bitwaga itsinda ry'abakundirira.

Ni bangahe hano bari Abametodiste, cyangwa bigeze baba bo, cyangwa bari bafitanye isano n'itorero rya Metodiste? Kimwe cya kabiri cyanyu. Ese mwari muziko Itorero rya Metodiste ryari nkaho rifite Umwuka Wera igihe kimwe? Nagiye mu nsengero z'Abametodiste maze mbona barimo bagwa ku butaka, kandi bakabasukaho amazi mu maso maze bakabahungiza, kugira ngo babuze Umwuka Wera kubazaho. Uko ni ukuri. Noneho, uko ni ukuri, aho hepfo mu misozi muri Kentucky aho twari dufite Abametodiste. Mwebwe bantu hano muri abiyunze ku itorero hano hanze. Twari dufite Abametodiste hariya kera, kandi Ababatiste. Twaramanukaga tukajya ku gicaniro maze tugakubitana umwe ku wundi mu mugongo kugeza ubwo haje ikintu. Tukavayo; tukabaho ubuzima butandukanye n'ibyo.

Ariko uraza gusa, ugashyira izina ryawe mu gitabo, maze ukavuga uti, "ndi Umumetodiste." Maze bagafata ako gakombe gatoboye ku munwa nk'akumunyu nuko bagatonyangiriza utuzi duke kuri wowe, kandi nibyo gusa. Ugasohoka ukajya kwiyambarira udukabutura, ukisiga amarangi, ukajya mu masiganwa y'amafarasi, ukajya mu mikino y'amafaranga, urusimbi, ukajya kuri zo mashini zicuruza itabi na buri kintu kindi, ugakomeza ukaba Umumetodiste mwiza. Murabona? Ibyo ntabwo ari Metodiste. Ibyo ni ukwiyunga kw'itorero. Uko ni ukuri. Ababatista, nicyo kimwe, Abapresbyteriani, aho hepfo nicyo kimwe...

19 Nkuko David duPlessis yabivuze ati, "Abuzukuru, Imana ntabwo ifite abuzukuru." Imana ntiyigeze igira umwuzukuru. Igira abana, ntabwo ari abuzukuru. Uko ni ukuri. Mwe… Kandi abantu baza mu itorero ry'Abametodiste, cyangwa itorero ry'Abapantekote, cyangwa Itorero ry'Ababatista, ubu muri abuzukuru. Bari abana. Mwe muri abuzukuru. Murabona? Naho Imana ntabwo igira mwene ibyo. Itorero rifite byinshi nk'ibyo, ariko ntabwo ari... ntabwo ari... Imana ntabyo igira.

20 Noneho, mwitegereze ibi, aho hepfo kugeza ubwo bigera hasi noneho, nkuko bigenda bihinduka baba itorero ry'abantu bake. Igisekuru cy'Abapantekote kiraza. Icyo nyakuri gikuraho ibitaringaniye byinshi. Noneho cyo… Ni iki cyakoze? Cyasize Abametodiste n'Abaluteriani bose inyuma.

Noneho, Umwuka Wera ukomeza ujya kure y'igisekuru cy'Abapantekote. Ni iki bakoze? Bishyize hamwe, bikorera ubwabo iki, "Turi Assemblies of God. Turi Abanyabumwe. Turi Abanyabubiri. Turi Itorero ry'Imana. Turi ibi, cyangwa biriya. Niba utabirimo; ntabwo wajya mu ijuru keretse izina ryawe ryanditse mu gitabo cyacu." Oh, ibintu by'ubupfu nk'ibyo. Ntabwo mbyitayeho niba uri Umubatista, Umumetodiste, Umupresbyterian; ushyiremo izina ryawe mu Gitabo cy'Ubugingo igihe Imana yarishyizemo. Niba wari waramenywe mbere kubw'Ubugingo Buhoraho, Imana izaguhamagara mu buryo runaka, uko biri kose, mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Nyakuri izabikora. "Abo Data yampaye bose bazaza kuri Njye."

Iryo torero waba ubarizwamo ryose, ibyo ntacyo bifite gukora kuri byo. Ariko idini nta na kimwe rizakumarira, ahubwo rishobora kukubuza byinshi mu buryo bwo kugendana n'Imana, ariko nta kindi rizakora kindi: gutuma muteranira hamwe itsinda ry'abizera n'abatizera. Birumvikana, bimeze gutyo aho ujya hose, kandi ibyo biri no mu ijuru. Noneho nta kibazo, ariko urimo urareba idini yawe. Ukwiye kureba kuri Yesu; Ni We ukwiriye kurebwaho.

21 Noneho, nkuko turimo kumanuka… Bari bafite… Bangahe… Ndibwira ko uyu mugore hano yazamuye ikiganza ko yize piramide. Murazi, piramide ntabwo yigeze ishyirwaho agasongero, ese sibyo? Ntabwo yigeze ishyirwaho agasongero. Nta na rimwe, nta nubwo wakabona. Ntabwo bazi icyayibayeho. Kubera iki? Kubera iki agasongero katigeze gashyirwaho, ibuye risoza, aho kumutwe wayo? Kubera ko Ryaranzwe igihe ryazaga. Yari Ibuye ryanzwe. Uko ni ukuri. Ariko izasozwa. Uko ni ukuri. Kandi noneho amabuye ahura n'aho ku ibuye risoza, agomba kuringanizwa kugira ngo abe ameze neza nk'iryo Buye, kuburyo bizahura bigafatana n'ahantu hose. Piramide iratunganye kuburyo udashobora kunyuzamo urwembe hagati yayo, aho mabuye ahurira, mbega inyubako nziza. Amwe muri yo ashobora kuba apima amatoni amajana aho mu kirere, kandi kuburyo ahujwe neza hamwe.

22 Uko niko Imana izana itorero Ryayo. Tuba twunzwe neza, umutima umwe no guhuza. Noneho, hari umuntu uvuga ati, "Rero, Abaluteri hariya inyuma nta kintu bari bafite." Ntimukabyizere. Abaluteriyani bazaza hariya mu muzuko neza neza nkuko n'abandi basigaye bazaza mu muzuko. Ababatista, Abapresbyteriani, ndetse n'abo bana b'Imana bose bazaza muri uwo muzuko. Kandi iyo niyo mpamvu uyu munsi abantu bavuga bati, "Oh, rero, hazaba ububyutse buzakubura busohoke hano hanze maze buzakize Abapantekote amamiliyoni amajana kandi bose bazakizwa, maze izamurwa ribone kuba." Aho muribeshya. Izamurwa rizaba ari ibihumbi amajana; uko ni ukuri; ariko bazaba ari abantu bavanze bo mu myaka ibihumbi bitandatu y'agakiza bose, mu myaka ibihumbi bitandatu ishize. Umuntu wagendeye mu Mucyo igihe Umucyo wamuzagaho; akambuka ikiraro igihe akibonye... Akaza kuri bo. Noneho, iyo Abyanze, ubwo bamusiga mu mwijima. Ariko iyo akomeje kugenda...

23 Noneho, mwitegereze, noneho kuza k'Umwami Yesu kuri hafi cyane, kugeza ubwo Umwuka yamanutse hano, agira gato ko gutsindishirizwa, kwezwa, umubatizo w'Umwuka Wera, kandi noneho turi neza mu gihe cyo kuza kw'ibuye risoza… Itorero rigomba kuba ritunganye kimwe na Kristo, kugeza ubwo Kristo n'itorero bishobora kwishyira hamwe, Umwuka umwe. Kandi niba Umwuka wa Kristo ari muri mwe, Uzabatera kubaho ubuzima bwa Kristo, mukore imirimo ya Kristo. "Unyizera, imirimo Nkora niyo nawe azakora." Niko Yesu yavuze. Murabona? Noneho, tugiye kugira... Tubona ko hari umurimo ugiye kuza umeze neza neza nk'ubuzima bwa Kristo. Ese uwo murimo usobanuye iki? kuza k'Umwami.

Reba kuri wo muri iy'isi uyu munsi, kandi witegereze icyo Khrushchev arimo kuvuga, n'ibi bintu byose bikomeye, n'izi ntambara zikomeye z'isi yose zishobora kuba igihe icyo aricyo cyose. Kuburyo isi bayihindura umuyonga mu masegonda. Uko ni ukuri. Kandi niba ari byo, tuziko ibyo biri hafi. Umuntu wese utekereza ashobora kubisoma mu binyamakuru cyangwa akabyumva kuri radio, akamenya ko ibyo biri hafi. Rero, mwibuke, Kristo aza gutwara itorero rye mbere y'uko ibyo biba. Noneho ubwo ni kangahe kuza k'Umwami Yesu kuri hafi cyane? Ahari byaba mbere y'uko aya materaniro asoza uyu mugoroba. Turi kwiherezo ry'igihe. Uko ni ukuri.

24 Mwitegereze itorero mu gihe riri kuza, mu gihe riri kuza. Mubifate mu mutwe, mwe banyamateka, abo bize amateka. Murebe Itorero ry'Abaluteriyani munsi yo gutsindishirizwa, aribwo rikiva mu bya Gaturika; murirebe rigenda. Hanyuma mwitegereze Wesley yigira hafi gato, mu gutsindishirizwa, bihuta mu Byanditswe. Reba neza hagati yabo, Aba Wesley. Noneho ikintu gikurikiraho ni igisekuru cy'Abapantekote, kandi igisekuru cy'Abapantekote hamwe no kugarurwa kw'impano, impano z'umwuka. Noneho, reba mu gisekuru kiza noneho aho hejuru ku Ibuye risoza. Murebe icyo nshaka kuvuga? Kuza k'Umwami, ibyo

byamenyekanye. Imana n'ibyaremwe byose bitegereje itorero kugira ngo rigire igihagararo gituma rimenya umwanya waryo.

25 ikibazo cy'uyu munsi, Njye, hafi buri muntu wese nahuye na we… Baransohoye; twarimo dufata… Nagombye gukoresha ibizamini by'umubiri, murazi, kujya mu mahanga. Mwebwe bamisiyoneri n'abandi, ibyo murabizi. Igihe narimo nkoresha ibizamini, bansohoye hanze y'icyumba aho, nari nanyoye ibyo bintu... Byasaga kuri njye nk'iryo gaburo ry'ibidufu cyangwa ikindi kintu, kandi narimo mbinywa. Maze nsohoka aho hanze, ndicara, maze ntegereza igice cy'isaha, kugira ngo ndebe ko biva mu gifu cyangwa bitavamo. Ndeba nka hariya, hari umugore umwe muto, yasaga nkaho ari hafi gupfa. Yarameze gutyo... amaguru mato n'amaboko mato. Kandi nkomeza kugenda nigira hiryamva kumuntu umwe njyakuwundi , ngenda mwegera, kugeza ubwo nageze hasi aho yari ari. Yasaga nk'akantu gato kagiye gupfa. Maze ngera hafi ye; ndavuga nti, "Munyihanganire, Mama."

Aravuga ati, "Bite?" Oh, yari arwaye cyane.

Maze ndavuga nti, "Ufite kibazo ki?"

Aravuga ati, "Nagiye Tucson kujya gusura umukobwa wanjye. Ndarwara; none ntibabasha kubona ikibazo mfite."

Maze ndavuga nti, "Mfite ikintu kimwe nshaka kukubaza." Ndavuga nti, "Ndi umubwiriza w'Ubutumwa bwiza. Ese uri Umukristo? Ese witeguye kugenda niba iriya saha iramutse igeze?"

Maze aravuga ati, "Mbarizwa mu itorero iri n'iri."

Ndavuga nti, "icyo sicyo kibazo nabajije. Ese uri Umukristo wuzuye Umwuka w'Imana maze ukaba witeguye kugenda igihe Yaguhamagara?" Umugore nta nubwo yigeze amenya ibyo ndimo kuvuga. Murabona? Oh, mbega ishusho iteye ubwoba iyo isi irimo kubamo.

26 Noneho, "Itumenyesha ubwiru bw'Ubushake bwayo," kuza kwa… Reka mbasomere ikintu. Narimo nsoma hariya… Reka turambure noneho mu "ubwiru bw'Ubushake Bwayo." Reka turambure mu Baheburayo hano umunota umwe, Igice cya 7 cy'Abaheburayo, Ndizera ko aricyo. Ndashaka kubasomera ikintu kiributume mwumva muguwe neza mugihe dutekereza ko twicaye hamwe ahantu ho mu ijuru; Abaheburayo ibice 7.

Melikisedeki…(Noneho mwitegereze)... uwo wari umwami w'i Salemu, n'umutambyi w'Imana Isumbabyose…

27 Ubwiru ni iki noneho? Hano hari ubwiru, mwitegereze. Uyu Muntu ni nde, uzi ubwiru bw'ubushake Bwayo, uyu ni Melikisedeki? Ntegereje buri muntu wese hano, Bibiliya iracyafunguye. Abaheburayo, ibice 7, Pawulo aravuga, uwo mugabo umwe w'i Galatiya…

Melikisedeki uwo wari umwami w'i Salemu, n'umutambyi w'Imana Isumbabyose ...(wa wundi wasanganiye Aburahamu, ubwo yatabarukaga avuye gutsinda abami, amuha umugisha,

ni na we Aburahamu yahaye kimwe mu icumi cya byose). Ubwa mbere izina rye risobanurwa ngo "Umwami wo gukiranuka", kandi irya kabiri yitwa "Umwami w'i Salemu",…(Uyu muntu ni nde?)... risobanurwa ngo "Umwami w'amahoro

Ntagira se ntagira nyina, ntagira ba sekuruza kandi ntafite itangiriro ry'iminsi cyangwa iherezo ry'ubugingo,...

28 Uyu muntu yari inde? Ese yari inde? Ntabwo Yigeze agira se; ntabwo Yigeze agira nyina; ntabwo yigeze agira aho yatangiriye, cyangwa ngo Abe afite igihe Azapfira. Yahuye n'Abraham avuye kunesha abami. Ni iki yarimo akora? Yari asohotse kujya gushaka Loti, uwo mwene Se waguye, kugira ngo amugarure. Kandi yishe abami; abo, abo bami yishe; ndibwira ko ari icumi cyangwa cumi na batanu, hamwe n'ubwami bwabo. Ariko Abraham yambitse ingabo ze intwaro maze aramukurikira, amutandukanya nabo mu ijoro. Murabona igihe yamufashe? Mu gicuku. Oh, mwene Data, ubu turi gukorera mu mwijima ubu; Umucyo dufite gusa ni Umucyo w'Ubutumwa bwiza. Ariko amutandukanya nabo, maze aramufata, nuko aramugarura. Kandi ari munzira agaruka, nyuma y'uko urugamba rurangiye...

Reka tujye mu Itangiriro 14, nko mu kanya gato gusa, kugira ngo tubashe kubona ayo mateka mu buryo bwuzuye. Reka tujye aha mu Itangiriro, ibice bine… Ndibwira ari ibice 14, Itangiriro 14. Yego, reka dufate Itangiriro 14:18, dutangire. Reka dutangirire gato mbere y'ibyo. Reka dutangire, yego, umurongo wa 18, Itangiriro 14:18, "Melikisedeki..." Noneho, uyu ni Abraham avuye gutsinda bariya bami. Agarutse, ari munzira ye agaruka, agarukanye Loti, nabo bantu bose bari batwaye...

29 Byose bimeze nka Dawidi, wagiye maze akabona… Ni iki Dawidi yakoze? Yafashe umuhumetso muto, arasohoka, maze afata iyi ntama nto ayikura mu kanwa k'iyi ntare. Tekereza ku muhumetso, ugiye ukurikiye umwana w'intama. Ni nde mu isi wajyaga gukora ibyo? Mbwira ninde muntu mu bari hano

wabikora, zamura ikiganza cyawe. Nahita mbanguka kukubwira ko uri mumakosa. Ntabwo mwigeze mubona nzamura ukwanjye. Oya, Nta nubwo nayikurikira mfite .30-06[imbunda], biragoye. Ariko yayikurikiye afite umuhumetso, akantu gato kameze nk'agahu, hamwe n'utugozi tubiri kuri ko, tuzengurutseho. Kubera ko, n'igihe byageze umwanya wa Goliyati wo kwiyemera, yakurikiye Goliyati, maze aravuga ati, "Imana yo mu ijuru yatumye mbasha gukiza intama nkayivana mu kanwa k'intare, no mu kanwa k'idubu." Yari aziko atari umuhumetso. Zari imbaraga z'Imana zajyanye nawe. Uwo ni We wagaruye uwo mwana w'intama.

30 Kandi icyo nicyo tuvuga uyu munsi. Imana ifite Dawidi uhagaze ahantu (Yego, mugabo.), uwo urimo ugaburira intama za Se. Kandi mu kanya gato ikibyimba kikaza, cyangwa kanseri ikaza, cyangwa ikindi kintu, maze akirukira ako kanya mu biganza bya muganga. Ibyo ntabwo byahagarika Dawidi; azasohoka aho hanze akurikire uwo muntu, hamwe n'uwo muhumetso muto "Nimugira icyo musaba mu Izina Ryanjye; muzagihabwa." Ntabwo nitaye uko abaganga bashobora guseka; n'uburyo undi muntu ashobora kubigira ibikino; uko biri kose azamukurikirana, agarure iyo ntama mu mukumbi. Yego, mugabo. "Ni umwana w'Imana, mukureho ibiganza byawe."

Akubite iyi ntare hasi, noneho intare irahaguruka; ayifata akananwa maze arayica: umuhungu muto w'umusore w'inzobe, ahari wenda upima ibiro 36 cyangwa 40

31 Noneho, mwitegereze. Melikisedeki, Umwami w'i Salemu, ari we Mwami w'Amahoro, ari We mu bisanzwe wari aho ku musozi. Ni Umwami w'i Yerusalemu, Uwo ari we. Ibyo nibyo nyakuri Yaribyo, Umwami w'i Yerusalemu, ari yo iyo Yerusalemu yitwaga Salemu, aribyo bivuga amahoro; iyo niyo Yerusalemu mbere, mbere y'uko yitwa Yerusalemu. Yari Umwami w'i Yerusalemu. Yari Umwami wo gukiranuka, Umwami w'amahoro, Umwami w'i Salemu. Ntabwo yagiraga se; ntabwo yagiraga nyina; ntabwo yagiraga intangiriro ry'iminsi; ntabwo yari afite iherezo ry'ubuzima; ntabwo yari afite ibisekuru. Aha, ho, ho, ho. Uyu muntu ni nde? Mumwitegereze.

Nyuma y'uko urugamba rurangiye, nyuma y'uko intsinzi ibonetse, mwitegereze icyo Yavuze. "Kandi Melikisedeki..." umurongo wa 18, igice cya 14, Itangiriro.

Kandi Melikisedeki umwami w'i Salemu azana imitsima na vino, yari umutambyi w'Imana Isumbabyose.

Amuhesha umugisha ati "Aburamu ahabwe umugisha n'Imana Isumbabyose, nyir'ijuru n'isi,

kandi Imana Isumbabyose ihimbazwe, yakugabije ababisha bawe." Nuko Aburamu amuha kimwe mu icumi cya byose.

reka dusome imbere gato.

Umwami w'i Sodomu abwira Aburamu ati "Mpa abantu, ibintu ubyijyanire."

Aburamu asubiza umwami w'i Sodomu ati "Ndahirishirije Uwiteka kumanika ukuboko kwanjye, ni we Mana Isumbabyose, nyir'ijuru n'isi,… (Mwumve uburyo ibyo babivuze mu ncamake, hmm, uburyo yabimuhaye.)

yuko ntazatwara akadodo cyangwa agashumi k'inkweto ko mu byawe,(nta na kimwe)... Kandi… kugira ngo utibwira uti 'Ni jye utungishije Aburamu.'

Keretse gusa wishyura impamba nahaye abagaragu banjye,…

32 Mwitegereze, uyu Melikisedeki, akimara guhura na Abraham avuye gutsinda abo bami… Ubwiru bw'Imana noneho buramuhishukira, Ese yari nde? Nta numwe… Ntabwo bashoboraga kubona amateka Ye, kubera ko ntabwo yagiraga se; ntabwo yagiraga nyina; nta nubwo Yagiraga igihe yatangiriye; nta nubwo Yari afite igihe azapfira; Uwo yaba Ari We wese yari muzima. Ntabwo yigeze agira itangiriro ry'iminsi, uko niko Atashoboraga kuba ari undi muntu wese uretse El, Ela, Elohim; Uwibeshejeho, Ugumaho, Imana ishobora byose.

Yesu yari afite Se; Yesu yari afite Nyina; Yesu yari afite itangiriro ry'iminsi; Yesu yari afite iherezo ry'ubuzima bwe yavukanye. Ariko uyu Muntu ntabwo yagiraga se nta nyina (Amena.), nta se nta nyina. Yesu yarabafite bombi Se na Nyina. Uyu Muntu ntabwo yagiraga ise nta na nyina. Amena. Kandi ni iki yakoze? Nyuma y'uko urugamba rurangiye, nyuma y'uko Abraham afashe igihagararo cye...

Nyuma yuko itorero rifashe igihagararo cyaryo, twahamagawe kugira ngo tugirwe abana binyuze mu Mwuka Wera. Kand igihe buri muntu afashe igihagararo cye, icyo Imana yamuhamagariye kuba cyo, maze agahagarara ku iherezo ry'inzira, akurikiranye abazimiye…

33 Icyambere, Pawulo akuraho ubwoba bwose kubijyanye n'ibyo. Nuko noneho, niba warahamagawe, niba utarakozweho mu bitekerezo byawe binyuze muri za tewolojiya runaka; niba warabyawe bwa kabiri n'Umwuka, noneho Imana yakumenye mbere y'imfatiro z'isi, ishyira izina ryawe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama; kandi noneho tuza hamwe kugira ngo twicarane ahantu ho mu ijuru muri Kristo

Yesu; “Abantu bera, igihugu cyera, abantu bihariye, abatambyi b'ubwami, batamba ibitambo by'umwuka ku Mana , niko biri. imbuto z'iminwa yacu zihesha icyubahiro Izina Ryayo.”

Abantu baraza maze bakavuga bati, “Bariya bantu ni abasazi.” Nyakuri niko bari; ubwenge bw'Imana ni ubusazi ku muntu, kandi ubwenge bw'umuntu ni ubusazi ku Mana. Biranyuranye, kimwe ku kindi.

34 Ariko itorero ry'ukuri ryuzuye Umwuka, ryuzuye imbaraga z'Imana, bicaye hamwe ahantu ho mu ijuru, batamba ibitambo by'umwuka, baramya Imana, Umwuka Wera agendera hagati muri bo, akarondora icyaha, kandi akagaragaza ibintu biri hagati muri bo bitagenda, akabitunganya ndetse akabiha umurongo n'igihagararo... ni kubera iki? Igihe cyose Imbere y'Imana haba ari icyo Gitambo cy'amaraso.

Noneho, mwibuke, twabinyuzemo muri iki gitondo. Ntabwo mwakijijwe n'Amaraso; murindirwa mu gakiza n'Amaraso. Ariko mwakijijwe kubw'ubuntu, binyuze mu kwizera, mwarizeye. Imana yakomanze ku mitima yanyu, kubera ko Yari yarabamenye mbere. Mureba hejuru, maze murabyizera, murabyemera. Noneho, Amaraso niyo ababera impongano ku byaha byanyu.

Mwibuke, naravuze nti, “Imana ntabwo ihana umunyabyaha kubwo gukora icyaha.” Kuko ni umunyabyaha kuva na mbere. Ihana Abakristo iyo bakoze ibyaha. Kandi kubera ko yamaze kubahana, Kristo agafata urubanza rwacu. Noneho hakaba nta kongera gucirwa urubanza kuri abo bari muri Kristo Yesu, batagenda bakurikije umubiri, ahubwo bagenda bakurikije Umwuka. Kandi iyo ukoze ikintu kibi, ntabwo aba ari kubushake. Ntabwo muba mugikora ibyaha nkana. Umuntu ukora icyaha nkana, agasohoka maze agakora icyaha nkana, aba atarigeze yinjira mu Mubiri. Ariko umuntu wigeze kwinjiramo rimwe aho, aba apfuye, kandi ubuzima bwe buhishwe mu Mana binyuze muri Kristo, ashyizweho ikimenyetso cy'Umwuka Wera, kandi satani ntabwo aba ashobora kumubona; aba ari kure mw'imbere aho. Byamusaba kubanza gusohoka aho kugira ngo satani abone uko amwinjiramo, kubera ko uba warapfuye.

35 Bwira umuntu wapfuye ko ari indyarya maze urebe ikiribukurikireho. Mutere umugeri mu rubavu maze uvuge uti, “Wa ndyarya we ishaje, wowe...” Nta kintu azavuga. Kandi uko ni ukuri; azaguma yiryamiye aho. Kandi uwo ni umuntu wamaze gupfa muri Kristo, ushobora kumwita indyarya, ushobora kumwita icyo ushatse cyose; ntabwo azahaguruka kubera ibyo. Hagize ikintu icyo aricyo cyose kiba, azacengera ahantu maze agusengere. Uko ni ukuri.

Ariko, oh, bamwe muri bo baracyari bazima cyane. Icyo nicyo ntekereza kuribyo; dukwiriye guhamba abapfuye. Abo bapfiriye muri Kristo, tubahamba mu mazi. Rimwe na rimwe duhamba abantu benshi bakiri bazima: bagifite intonganya nyinshi n'amahane, kandi hari byinshi mu itorero. Ariko ntabwo twakwitandukanya na byo, ariko Imana irabikora. Izi abantu Bayo. Izi intama Zayo. Izi buri jwi. Izi Abana Bayo. Izi uwo Igomba guhamagara ngo asohoke; Izi uwo Yamenye mbere. Izi uwo yahaye ibi bintu, icyo Irimo Yimenyekanishirizamo. Ni gute Yo... Imana ishobora kugira ishema mu bana Bayo kucyo barigukora, kuko izi neza ko bazabikora neza neza uko bigomba. Ese mwizeye ko Imana ikora ibyo?

36 Kubera iki, Satani yabwiye… Yobu umunsi umwe cyangwa yabwiye Imana umunsi umwe, “Yego, Ufite umukozi.”

Imana iravuga iti “Nta muntu umeze nka we. Ni umuntu utunganye,” Ntewe ishema na we.

Satani yaravuze ati, “Oh, yego, ibintu byose biramworoheye. Reka mufate akanya gato; nzatuma avuma mu maso Yawe.”

Iramubwira iti, “Ari mu biganza byawe, ariko ntutware ubuzima bwe.” Murabona? Kandi yakoze buri kintu cyose uretse gutwara ubuzima bwe.

Ariko, oh, Yobu, aho kuba… Ni iki yakoze? Ese yavumye Imana igihe Yatwaraga abana be, igihe yakoze ibi bintu byose bibi kuri we, na buri kintu? Yobu ntabwo yigeze abaza ibibazo. Yarubamye maze araramya (Halleluya.), aravuga ati, “Uwiteka yarabampaye, kandi Uwiteka arabatwaye; Izina ry'Uwiteka rihabwe icyubahiro.” Ngaho aho muri.

Imana yari izi ishema Ryayo muri Yobu. Imana izi igipimo kingana iki ishobora kukwizera. Izi inshuro zingana iki Ishobora Kunyizera. Ariko icyo turi kuvuga ubu ni ugushyira uyu mwana mu mwanya.

37 Noneho, igihe Bibiliya… Igihe urugamba rurangiye, igihe buri kintu kirangiye, noneho ni iki kintu gikurikiraho? Ni iki kintu dukora nyuma y'uko urugamba rurangiye? Ese mwamenye icyo dukora? Duhura na Melikisedeki. Reka dufate, Matayo 16:16, vuba vuba, turebe niba ibyo ari ukuri cyangwa atari ko. Matayo, ibice 16 n'umurongo wa 16, ndumva nzi neza ko ariho, Matayo 16:16. Matayo 6... Oya, aho siho, ese byaba ari hafi aho, 26:26. Kubera ko 16 hano, Yarimo avugana na Simoni Petero. Mumbabarire, ntabwo ariho nashakaga kuvuga. 26:26, kubera ko aho niho basangiriye bwanyuma, icyo nicyo ndimo ngerageza kugeraho. Matayo igice cya 26 n'umurongo wa 26, noneho twahabonye; niho turi, ku ifunguro ryanyuma.

Kandi ubwo barimo barya, Yesu afata umugati, maze arawushimira, nuko arawumanyura, maze

awuhereza abigishwa Be, maze aravuga ati, mwakire, murye; uyu ni umubiri wanjye.

Maze afata igikombe, nuko aragishimira, maze arakibahereza, aravuga ati, munywe kuri iki mwese;

Kubera ko aya ari amaraso yanjye y'isezerano rishya, amenwe kubwa benshi kubwo kubabarirwa ibyaha… (S-i-n-s[i-b-y-a-h-a] ibyaha, Abakristo bakora ibintu bitaribyo.)

niko biri, ariko… ariko mwumve, umurongo wa 29…

…Ndababwiye, ntabwo nzongera kunywa ku mbuto z'umuzabibu, kugeza umunsi nzasangirira na mwe mu bwami bwa Data.

Iki? Icyo kintu kimwe Melikisedeki yakoze nyuma y'uko Abraham ageze ku gihagararo cye, amaze gushyira abantu be muri gahunda, kandi yanesheje urugamba, noneho arimo ataha, nuko Melikisedeki asohokana umutsima na vino. Nyuma y'uko urugamba rurangiye, noneho tuzajya mu birori hamwe n'Umwami Yesu mu isi nshya. Oh, hahirwa Izina ry'Uwiteka. Niko biri.

38 itumenyesheje ubwiru bw'ibyo ishaka ku bw'ineza y'ubushake bwayo,…(Dusubire inyuma nanone mu b'Efeso 9)... ari byo yagambiriye kera

kugira ngo ibihe nibisohora ibone…

Kandi mwibuke ibyo, ibyo twabirenze: Abefeso, igice cya 1, umurongo wa 10.

kugira ngo ibihe nibisohora ibone…

Noneho, twize ko uko gusohora kw'igihe gutegereje iki? Kuzura kw'ibihe byose, igihe ubwo icyaha kizarangira, igihe urupfu ruzarangira, igihe uburwayi buzarangira, igihe icyaha kizarangira, igihe ukwangirika kose n'ibintu byangiritse ibyo Satani yangije bizarangira, igihe ubwacyo kikarangira. Mwitegereze.

kugira ngo ibihe nibisohora ibone uko iteraniriza... ibintu byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru cyangwa ibiri mu isi.

"Guteraniriza ibintu muri Kristo..." Nkuko nabivuze muri iki gitondo, aba bantu bato bose tubona, ibi bintu bito cyane, ushobora kubitunganya mu Itangiriro; ushobora kubitunganya mu Kuva ushobora kubitunganya mu Balewi, maze ukabizana; kandi mu Byahishuwe bizaza kurangira bibaye Yesu. Ugafata Yozefu; ugafata Abraham, ufate Isaka; ufate Yakobo; ufate Dawidi; ufate uwo ari we wese muri abo bato, abo bantu b'Imana, maze urebe ko utabona Yesu Kristo agaragaye muri buri wese muri bo. "Kugira ngo akusanyirize ibintu byose muri Umwe, Kristo Yesu."

39 Noneho, twigiye imbere gato, noneho aho ni umurongo wa 11…

Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage…

Oh, "umurage..." Umuntu agomba kugira icyo asiga kugira ngo ukiragwe. Ese ibyo sibyo? Umurage, ni uwuhe murage dufite? Ni uwuhe murage mfite? Ntawo mfite. Ariko Imana yansigiye umurage igihe Yashyize izina ryanjye mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama mbere y'infatiro z'isi.

Oh, uravuga uti, "Noneho, mutegereze umunota umwe, mwene Data, Yesu yakoze ibyo igihe Yapfaga kubwawe." Oya, Ntabyo yakoze. Yesu yaje kwishyura igiciro cy'uwo murage kubwanjye. Usome uwo murongo ukurikiyeho, cyangwa ako karongo gakurikiyeho.

Ku bw'uwo natwe twarazwe ... umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo.

40 Imana, mbere y'imfatiro z'isi, nkuko twabifashe binyuze mu nyigisho, mwe bantu; ni gute mwabonye ukuntu Imana yibeshejeho yo Ubwayo, ni gute muri Yo harimo urukundo. Muriyo harimo kuba Imana; nta kintu cyari gihari cyo kuyiramya. Muri yo harimo kuba Data; hari... Yabagaho Yonyine. Muriyo harimo kuba Umukiza; nta kintu cyari cyazimiye. Muri Yo harimo kuba Ukiza indwara. Ibyo ni ibiyigize. Nta kintu cyarimo aho. Noneho Yo Ubwayo, inama Zayo bwite nziza nizo zakoze ibi bintu, kugira Ishobore binyuze muri uyu Muntu umwe, Kristo Yesu, yongere ateranye byose bundi bushya. Oh, ibyo amaso atabonye... Ntibitangaje kuba ari ibintu by'ubwiru.

41 Murebe, "Yaduteguriye uyu murage..." Niba mfite uburenganzira ku murage w'ikintu, Imana iramutse ikomanze ku mutima wanjye maze ikavuga iti, "William Branham, Naraguhamagaye hashize igihe kinini mbere y'imfatiro z'isi kugira ngo ubwirize Ubutumwa Bwiza," mfite umurage, umurage w'Ubugingo Buhoraho. Noneho, Imana yohereje Yesu kugira ahindure uwo murage ukuri kuri njye, kubera ko nta kintu cyari gihari nakora kugira ngo nywuragwe. Byari aho nta cyanditseho; byari bifite agaciro; ntacyo nari mfite gukora. Ariko mu mwuzuro w'igihe Imana yohereje, mu gihe Cyayo cyiza, Yesu Umwana w'Intama, watambwe kuva ku mfatiro z'isi. Amaraso Ye yaramenwe, kugira ngo mbashe kujya mu mugabane

wanjye. Ube uwuhe, uwuhe mugabane? Wo kuba abana b'Imana, kugira ngo tube abana b'Imana.

42 Kandi noneho, ibi bishobora kubaniga hafi yo gupfa. Ariko muziko abo bantu b'abana b'Imana ari imana ntoya? Ni bangahe bigeze bamenya ibyo? Nibangahe baziko ariko Yesu yavuze? Bibiliya, Yesu yaravuze ati, "Ese amategeko yanyu ubwanyu ntabwo yavuze ko muri imana? Kandi niba mwita Imana..." Abo, Imana yavuze mu Itangiriro 2 ko ari imana, kubera ko bari bafite ubutware hejuru y'ubutware bw'iyi si. Yamuhaye gutwara byose. Maze atakaza ubumana bwe; atakaza ubumana bwe; atakaza ubutware bwe; maze Satani arabitwara. Ariko, mwene Data, dutegereje guhishurirwa kw'abana b'Imana, abo bazagaruka maze bakongera bakabifata. Bategereje kuzura kw'igihe, igihe piramide izamutse ikagera ku gasongero, igihe kuzura kw'abana b'Imana bazagaragazwa, igihe imbaraga z'Imana zizasohoka (Halleluya.) Kandi izafata buri mbaraga zose Satani yamwibye. Yego, mugabo, ni ize.

43 Ni We Logos uwo wavuye mu Mana; uko ni ukuri; uwo ni Umwana w'Imana. Noneho Yaremye umuntu ngo abe iyo mana nto. Maze Iravuga iti, "Niba bita abo Ijambo ry'Imana ryajeho, abahanuzi, niba babita imana aribo Ijambo ry'Imana ryajeho… " Kandi Imana yo Ubwayo akaba ariko yavuze ko ari imana. Yabwiye Mose, "Nakugize imana, kandi ngira Aroni umuhanuzi wawe." Amena. Mbega. Bishobora gutuma nitwara nkabo bo mubyimana badakomeye mu mutwe, ariko siko ndi. Oh, igihe amaso yawe yashobora kugera aho afunguka maze ukabona ibyo bintu...

Niko biri. Yagize umuntu imana, imana mu bwami bwayo. Kandi ubwami bwayo bukava ku nyanja bukagera kuyindi, bukava kunkombe bukagera kuyindi. Yari afite ubuyobozi bwaho.

Kandi igihe Yesu yaje, kubwo kuba Imana imwe itagira icyaha, Yarabihamije. Igihe umuyaga wahushye, Yaravuze ati, "Amahoro, tuza." Amena. Kandi igihe igiti..., Aravuga ati, "Ntihakagire umuntu wongera kukuryaho."

"Ni ukuri, ndababwiye, mwe, mwe mana ntoya, nimuramuka mubwiye uyu musozi, 'imuka,' kandi ntimushidikanye mu mutima wanyu, ahubwo mukizera ko icyo mwavuze kigomba gusohora, mushobora kubona icyo mwavuze."

44 Dusubiye inyuma mu Itangiriro, ku mwimerere; bimeze bite? Noneho, isi n'ibyaremwe biraniha, bitaka buri kintu kirimo kunyeganyeza iki? Kubwo kugaragazwa kw'abana b'Imana, igihe abana b'ukuri, bavutse ari abana, abana buzuye bakavuga kandi Ijambo ryabo rigashyigikirwa. Nizera ko turi ku mupaka wabyo ubu. Yego, mugabo. Kubwira uyu musozi, reka bibe gutyo.

"Mwene Data, nifuza ibi n'ibi, ikintu runaka cyakorwa. Ndi umwizera muri Yesu Kristo."

"Ndabiguhaye mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo." Amena. Hari kugaragazwa.

"Oh, mwene Data, imyaka yanjye irimo kuma hariya haruguru. Ntabwo twabonye imvura."

"Ndabohereza imvura mu Izina ry'Umwami Imana… Imyaka yawe ihirwe." Oh, barategereje, baraniha, ibyaremwe byose, bitegereje kugaragazwa kw'abana b'Imana. Imana Yabiteganije kuva mu itangiriro. Yahaye umuntu ubwami.

45 Yabihaye Yesu Kristo, na Yesu abitanga mu Izina Rye, hamwe n'uku guhamirizwa. "Icyo muzasaba Data cyose mu Izina Ryanjye, noneho Nzagikora." Oh, Mwene Data Palmer. Ategereje kugaragazwa kw'abana b'Imana, igihagararo, itorero…

Nkuko nabivuze, Igitabo cy'Abefeso ni Igitabo cya Yosuwa, kandi Yosuwa yashyiraga abantu aho bagomba kuba. Noneho, iyo badahagarara ngo bakomere, maze agashyira Efurayimu hano, nuko akavuga ati azatwara kwa Manase. Kandi uyu akagaruka atongana ndetse ashihurana, ni gute bajyaga kuhaba? Mu gihe umwe avuze ati njye ndi Umubatisita; undi ati ndi Umumetodiste; ndi Umupantekote; ndi Umunyabumwe; ndi Umunyabubiri; ndi runaka na runaka." Ni gute mwabigenza? Kugira ngo muhagarare.

Imana ishaka gushyira mu mwanya itorero Ryayo, abahungu n'abakobwa b'Imana. Mana, reka mbeho nzabirebe, niryo sengesho ryanjye, biri hafi cyane kuburyo nshobora kubyumva hafi yo kubikozaho ikiganza cyanjye, bisa nkabyo; biri hano. Ibyo nibyo nahoraga nifuza kubona, ntegereje igihe tuzagenda mu muhanda; aho haryamye ikirema kiraho kuva cyava mu nda ya nyina, "Ifeza n'izahabu ntazo dufite..." Oh, dutegereje kugaragazwa kw'abana b'Imana (Halleluya.), igihe Imana izimenyekanisha, igihe bazahagarika uburwayi, bagahagarika kanseri, bagahagarika ibyorezo.

46 Mutekereza ko kanseri hari icyo iricyo? Bibiliya yaravuze ngo hazaza igihe ubwo abantu bazabora mu mibiri yabo, kandi inkongoro zizarya imirambo yabo mbere y'uko bapfa. Kanseri wayigereranya no kuribwa ni iryinyo kuribyo bizaza. Ariko, mwibuke, icyo kintu giteye ubwoba cyabujijwe gukora kuri abo bashyizweho Ikimenyetso cy'Imana. Icyo nicyo turimo kurwana nacyo uyu munsi, kugira ngo twinjire kandi dushyirwe mu mwanya mu Bwami bw'Imana mbere y'uko iki cyago gikomeye gitera. Oh, mbega uko ari byiza. Kuzuzwa kw'igihe, kuzura kw'igihe, umurage...

Ku bw'uwo natwe... Twarazwe… umurage tubitoranirijwe kera…

47 Ni gute umurage wacu twawuhawe, binyuze mu ki? Ibyagenwe mbere. Ibyagenwe mbere ni kumenya mbere ibizaba. Ni gute Imana yamenye ko ishobora kukwizera ko waba umubwiriza? Kumenya mbere kwayo. "Ntibiterwa n'ushaka cyangwa uwiruka, cyangwa uwo… Ni Imana yerekana imbabazi zayo." Uko ni ukuri. Kumenya mbere, Yamenye icyari muri wowe. Yamenye icyari muri wowe mbere y'uko unaza kuri iyi si. Yamenye icyari muri wowe mbere y'uko hanabaho isi kugira ngo uyizeho. Iyo ni Yo. Iyo ni Imana itagira iherezo, Itagira iherezo. Twe tugira iherezo; dutekereza gusa ibifite iherezo.

48 Byabaye ibyagaciro kenshi kuri njye guhera igihe ibi byambayeho, ntabwo mbizi. Igihe ntekereje kuri ibyo, igihe nahagaze muri ako kanya gato k'umunezero, kandi ngatekereza ko, "Hatariho ejo hazaza." Ko aho nta ejo hashize hahari; aho nta burwayi, aho nta gahinda. Nta byishimo bike biriho, ahubwo umunezero wose; byose bikaba ari ibyishimo. Oh, mbega. Oh, igihe nari mpagaze aho, naravuze nti, "Ibi ni ibiki?"

Iryo Jwi riravuga riti, "Uru ni urukundo rutunganye, kandi buri kintu waba warigeze ukunda ndetse buri kintu cyaba cyarigeze kigukunda kiri hano hamwe na mwe ubu."

"Kandi uzaduhagararira ku Mwami Yesu igihe Azaza, nk'intsinzi y'umurimo wawe."

Nabonye abo bagore beza bahagaze aho, barimo bampobera kandi basakuza bati, "Mukundwa, mwene Data w'igiciro."

nabonye abo bagabo bafite imisatsi imeze nk'ubwoya izengurutse ku mihogo yabo, biruka, bampobera, maze bakavuga bati, "mwene Data mukundwa."

Maze ndatekereza nti, "Ibi bisobanuye iki?"

Aravuga ati, "Ni Abantu bawe."

Ndavuga nti, "Abantu banjye? Ahari ntabwo hari abakomoka kuri Branham bangana gutya; bari amamiliyoni..."

Aravuga ati, "Ni abo wahinduriye ku Mana." Halleluya. "Aba ni abo wahinduye. Ni babandi wagize..." Aravuga ati, "Urabona uriya uhageze hariya?" Umugore mwiza cyane nigeze mbona… Aravuga ati, "Yari afite imyaka mirongwicyenda igihe wamuyoboraga ku Mana. Ntabwo bitangaje ko arimo kurira, 'Mukundwa mwene Data.'" Aravuga ati, "Ntabwo azongera gusaza ukundi. Ibyo yarabirenze. Ari mu bwiza bwo mu buto. Ahagaze hano. Ntabwo akeneye kunywa amazi akonje, ntabwo ayakeneye. Ntabwo aryama ngo asinzire; kubera ko ntabwo bananirwa. Nta ejo hazaza, nta ejo hashize, nta kintu gihari. Turi mu iteka ubu. Ariko umunsi mwiza w'igiciro w'Umwana w'Imana uzaza, kandi bazacirwa urubanza bikurikije Ijambo wababwirije."

Oh, mwene Data, ndavuga nti, "Ese Pawulo nawe azazana itsinda rye?"

"Yego, mugabo."

Ndavuga nti, "Nabwirije neza neza nkuko Pawulo yavuze. Ntabwo nigeze ngabanyaho; ntabwo nigeze ngira imihango y'itorero runaka mvangamo cyangwa ikindi kintu. Nabigenje nka we."

Kandi bose basakuza n'ijwi rimwe, "Ibyo turabizi. Turuhukanye icyizere." Baravuga bati, "Uzaduhagararira kuri We, kandi noneho tuzongera dusubire kw'isi kongera kubayo iteka." Oh, mbega.

49 Noneho ntangira kuza. Ndareba, narindyamye aho ku buriri, maze mbona icyo kibiri cyanjye aho, gishaje n'imikanyari, kidafite isura, kandi gifite indwara, ndetse kibabaye, kandi mbona amaboko yanjye ari inyuma y'umutwe wanjye, maze ndatekereza nti, "Oh, ese nzongera nsubire inyuma muri icyo kintu indi nshuro?"

Maze nkomeza kumva iryo Jwi rivuga riti, "Komeza uhatane. Komeza uhatane."

Ndavuga nti, "Mwami, igihe cyose nagiye nizera gukira kwa Kimana, nzakomeza kubyizera. Ariko ndimo kurwanira ubugingo, none umfashe. Kugira ngo nzagire benshi hariya… Reka mbeho Mwami, kugira ngo nzongere nzane indi miliyoni hariya, niba unyemereye ngo mbeho."

50 Ntabwo nitaye ku ibara iryo aririyo, cyangwa umuhango, cyangwa ubwenegihugu, icyo baricyo; bose baba ari umwe iyo bageze hariya. Izo mbibi zose ziba zarenzwe. Oh, nshobora kubona abo bagore, basa neza, ntigeze mbona… Hamwe niyo misatsi miremire itemba aho mu mugongo, amajipo maremare amanuka. Bari bambaye inkweto. Kureba abo bagabo niyo misatsi imeze nk'ubwoya izengurutse mihogo yabo, no kumitwe imisatsi ijya kuba umutuku uvanze n'umuhondo na orange, n'utwo tudomo tw'umukara, n'aba mabara yose atandukanye. Kandi barimo barambura amaboko yabo bakampobera. Kandi nkabumva. Numvaga ibiganza byabo. Imana niyo ntanzeho umugabo, ndetse n'iki Gitabo cyera kirambuye, nashoboraga kubumva nkuko numva ikiganza cyanjye iyo nikoze mu maso.

Kandi baramburaga ibiganza byabo bakampobera, nta kwiyumvayumva kw'abagore nkuko bishobora

kuba hano. Ntabwo nitaye kuburyo uri uwera, ni uwo uriwe, ubwoko bw'umubwiriza uri we, umutambyi, cyangwa ikindi cyose waba cyo; nta mugabo wakwemera ko umugore amuhobera, ngo areke kumva ikintu cya kimuntu muri we. Icyo ni ukuri neza neza. Ariko, mwene Data, igihe uzarenga hano maze ukagera hakurya, ntabwo bizamera gutyo hariya. Oh, mbega. Niko biri, oh, aho... Ntibishoboka. Byose ni urukundo. Buri wese aba ari mwene So kandi buri wese aba ari nyakuri mushiki wawe. Nta rupfu rubayo, nta gahinda, nta shyari, nta kindi, nta kintu cyakwinjira hariya. Ni ugutungana. Icyo nicyo ndimo kurwanira. Icyo nicyo mpatanira.

51 Ndavuga nti, "O Mwami, icyo nicyo gituma ndi hano n'iri torero nicyo cyarizanye, ngerageza gushyira itorero mu murongo," ndakubwiye, mwene Data na mushiki Wanjye, hari ikintu kimwe cyonyine gishobora kwinjira hariya; urwo ni urukundo rutunganye. Atari uko watunganiye Branham Tabernacle, cyangwa itorero rya Metodiste, cyangwa itorero rya Ababaptista, ibyo nta kibazo; ukwiriye kubikora. Ariko, oh, nshuti, ugomba... Atari uko wavuze mu ndimi, cyangwa wabyinye mu Mwuka, kubera ko wirukanye abadayimoni, cyangwa ukaba warimuye imisozi ukoresheje kwizera. Ibyo nta kibazo bifite, kuri ibyo nta kibazo, ariko nabwo keretse rwa rukundo rutunganye ruri muri wowe. Aho niho hari gutungana... [Umwanya uriho ubusa kuri kasete—Ed.]

52 ...twarazwe umurage…(Turagwa iki? Ubugingo buhoraho)... tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye… How?

Ese buri wese ari kumva ibi? Ese mwahamagaye Imana? Oya, Imana yarabahamagaye. Nta muntu wigeze ashaka Imana. Ni Imana yashatse umuntu. Yesu yaravuze ati, "Nta muntu waza kuri njye keretse Data abanje kumureshya." Murabona, ni imiterere y'umuntu guhunga Imana. Kandi muravuga ubu...

Icyo nicyo kimbuza amahoro, kugira ngo mbabwirize mwe bantu; ntimugume muri iyo mimerere imwe iyo mwagenderagamo; muhinduke ubu. Munyumve ubwo ndimo kubivuga, UKU NIKO UWITEKA AVUZE. Ntabwo njyewe ubwanjye nigeze niyita ibi; ntago nabikora. Ariko munyita umuhanuzi wanyu, cyangwa umuhanuzi. Isi irabyizera, isi y'aha hose, amamiliyoni n'amamiliyoni y'abantu. Navuganye n'abantu miliyoni cumi n'ebyiri turebana cyangwa tutarebana, cyangwa barenga, turebana. Nabonye amayerekwa arenze ibihumbi icumi, kandi ibimenyetso n'ibitangaza, kandi nta na kimwe cyigeze gitsindwa. Kandi uko ni ukuri. Yambwiye ibintu mbere kandi ntabwo byigeze binanirwa gusohora neza neza. Nahamagara umuntu uwo ari wese ngo aze abigerageze.Uko ni ukuri. Ntabwo nihamya ko ndi umuhanuzi, ariko muranyumva.

53 UKU NIKO UWITEKA AVUGA, nzareba urukundo rutunganye kugira ngo mbinjize aho hantu, kubera ko ibyo nibyo byari aho. Uko baba benshi kose, uko bagira ibigaragara bya kiyobokamana, uko mwaba mwarakoze ibikorwa byiza, cyangwa icyo mwaba mwarakoze cyose, ibyo nta gaciro bizaba bifite kuri uwo munsi. Bisaba urukundo rutunganye. Noneho icyo mwakora cyose, ukwiriye gushyira iruhande buri kintu, kugeza ubwo uzuzuzwa urukundo rw'Imana, kugeza ubwo uzakunda abo bakwanga.

Nkuko nabivuze muri iki gitondo, naremwe… Uburyo ndemwe bwose ni ubuntu. Abantu benshi baravuga bati, "Noneho, nunshimira mu mugongo nanjye nzagushimira muwawe. Yego, ni unkorera ikintu, nanjye nzagukorera ikindi." Ubwo ntabwo ari ubuntu. Ubuntu ni igihe, iyo mu mugongo hari kukurya, nkahagushimira uko biri kose, waba uribunshimire ahanjye cyangwa utaribuhanshimire; ukankubita urushyi mu maso, maze ukavuga uti, "mu mugongo hasa nkahari kunrya, nkeneye uwahanshimira" nkahashima. Murabona? Ni ibyo; ukagira icyo ukora. Ntabwo nizera mu mirimo; nizera ko imirimo ni urukundo. Imirimo ni... Imirimo ni ikigaragaza ko ubuntu bwabayeho.

Ntabwo nkiranuka ku mugore wanjye kubera ko nziko twahita dutandukana ndamutse ntabikoze; ndamukiranukira kubera ko mukunda.

54 Ntabwo mbwiriza Ubutumwa bwiza, kubera ko ntekereza ko nzajya mu muriro niba ntabikoze; mbwiriza Ubutumwa bwiza kubera ko mukunda. Ni ukuri. Mutekereza ko nakwemera kwambuka ziriya nyanja zirimo imiyaga, n'izo ndege zigenda zigwa zongera zihaguruka, n'iyo mirabyo irimo irabya ahantu hose, n'ibindi bintu bindi, kandi ibihe byinshi... Kandi buri muntu arimo atabaza ati, "Ndakuramutsa Mariya" birimo biba aho mu ndege, na buri kintu... Abo bantu barimo bateraganwa aho muri iyo mikandara y'ubwirinzi, nuko pilote akavuga ati, "Dusigaranye amavuta yo kugenda iminota cumi n'itanu gusa, kandi atazi aho duherereye." Mutekereza ko nkora ibyo mu buryo bwo kwikinira gusa? Huh. Mutekereza ko najya aho mu ishyamba aho abasirikare b'Abadage bagombye kungota n'ibiganza kugira bansohore buri joro maze banjyane mu materaniro, kugeza ubwo Umwuka Wera yatangiye gukora ibitangaza, abakominisiti bicaranye ibyo byuma bireba kure, kugira ngo bandase bari kure mu kilometero kirenga. Mutekereza ko nakora ibyo mu rwego rwo kwikinira? Ni ukubera ko hari ikintu kiri muri njye, urukundo. Ni abantu Kristo yapfiriye. Pawulo yaravuze ati, "Ntabwo nifuza gusa kujya i Yerusaremu, ahubwo ngiyeyo kugira ngo mbambwe. Ngiye gupfa. Ngiyeyo gupfa kubw'Umwami." Ni ikintu, urukundo rurabigutegeka, nirwo rubigutera. Uko ni ukuri kuzuye.

55 Iyo njya kuba mbwiriza ubutumwa kubw'amafaranga, iyo bijya kuba byo, najyaga kuba ndimo amafaranga ibihumbi makumyabiri by'amadorari uyu mugoroba. Ariko sinagiye muri iryo deni. Oya, mugabo. Kubera ko nanze izo miliyoni narimpawe. Umugabo umwe, umuntu umwe yohereje umukozi wa

FBI afite miliyoni n'ibihumbi maganatanu by'amadorari kuri sheki. Maze ndavuga nti, "Yasubizeyo." Ntabwo nkorera amafaranga, ntabwo ari ukubera amafaranga. Ntabwo mbwiriza ubutumwa kubw'amafaranga, ntabwo ari ukubera ibyo.

Ni ukubera urukundo. Ikintu nshaka gukora, ni ukugira ngo, igihe nzahumeka uriya mwuka wanyuma aho hakurya, aribyo bishobora kuba mu minota itanu uvuye nonaha; bishobora kuba mu masaha abiri uvuye nonaha; bishobora kuba imyaka mirongwitanu uvuye nonaha. Ntabwo nzi igihe bizabera. Ariko igihe bizabaho, nkagera hariya, nshaka kuzabona abo bari mu bwiza bw'ubuto biruka baza, basakuza bati, "Mukundwa mwene Data, mwene Data." Icyo nicyo kiri mu mutima wanjye. Iyo niyo mpamvu.

Ntabwo ngerageza kunyuranya namwe kugira ngo mbe uwihariye, ahubwo ngerageza kubashyira mu nzira ikwiriye. Uko niko binjira. Bitanyuze mu itorero ryawe, atari idini yawe, ahubwo kuvuka bundi bushya muri Kristo. Oh, mbega. Whew.

56 Ku bw'uwo... natwe twarazwe... umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo

Mwumve. Tugiye gusoza mu minota mike. Mwumve neza noneho mbere y'uko dusoza.

ngo tube abo gushimisha ubwiza bwayo, twebwe abiringiye Kristo uhereye kera.

Ni we namwe mwiringiye...

Mwitegereze ibi noneho, murebe neza. Mwambare amakote yanyu, amakote y'Ubutumwa Bwiza. Mufungure amatwi yanyu; mwumve neza. Ndi ku murongo wa 13.

Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri,…("Kwizera kuzanwa no kumva ijambo rya...") [Amateraniro aravuga ati, "Imana"—Ed]…mumaze kumva ijambo ry'ukuri…

Ukuri ni iki? Ijambo ry'Imana. Ese ibyo ni ukuri? Yohana 17:17, mwebwe muri kwandika Ibyanditswe, Yesu yaravuze ati, "Ubeze, Data, ukoresheje ukuri; Ijambo Ryawe ni Ukuri."

57 ...Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu…

Ni akahe gakiza yarimo agerageza kubabwira? Byari byarateganijwe mbere y'imfatiro z'isi (Ese uko si ukuri?) ku kugirwa abana, abateganirijwe mbere Ubugingo Buhoraho. Noneho, nyuma y'uko tuje mu Bugingo Buhoraho, nyuma y'uko mumaze gukizwa, mukezwa, mukuzura Umwuka Wera, muri abana. Noneho, Imana ishaka kubashyira mu mwanya, oh, bityo mukabasha gukorera Ubwami Bwayo n'ubwiza Bwayo.

Ubwo ni Ubutumwa Bwiza. Kubwo kubanza, kumva Ijambo, "Mwihane, mubatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha." Gutwara kure ibyaha byose, mukambaza Izina ry'Umwami Yesu Kristo, kubw'igihugu cy'isezerano… Isezerano ni iry'umwimukira wese uwo uri munzira. Niba wavuye mu rugo rwawe uyu mugoroba, umunyabyaha, ukavuga uti, "Ngiye kuri Branham Tabernacle," Imana iguhaye amahirwe uyu mugoroba. Hari ikintu kimwe gishyizwe imbere yawe n'igihugu cy'isezerano. Igihugu cy'isezerano ni iki? Umwuka Wera. Ni iki cyari hagati ya Yosuwa n'igihugu cy'isezerano ese ntiyari Yorodani. Uko ni kuri kuzuye.

58 Mose, kubwo kuba igishushanyo cya Kristo, yayoboye abana bagiye mu gihugu cy'isezerano; noneho Mose ntabwo yambukije abana mu gihugu cy'isezerano. Yosuwa yambukije abantu kandi abagabanya igihugu. Yesu yishyuye ikiguzi, abajyana aho mu Mwuka Wera. Imana yohereje Umwuka Wera aho hepfo, kandi ashyira itorero mu mwanya no muri gahunda, buri muntu, amwuzuza Kugaragara ko Kubaho Kwe. Murabona icyo nshaka kuvuga? Byose muri Kristo Yesu, ni gute Imana yateguye mbere kugira ngo bibe guhamagara k'Ubutumwa bwiza.

Pawulo, mu Bagaratiya 1:8, yaravuze ati, "Niba Marayika ashobora kwigisha icyo aricyo cyose, uwo avumwe." Ukuri, Ubutumwa… Noneho mwumve neza ubwo tugiye kuhasoma, ndimo nsoza umurongo

...ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, …(Mwumve neza)...kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe,

59 Mu minsi ya nyuma, Bibiliya yaravuze iti… Noneho, mwitegereze. Mu minsi yanyuma hazaba inzego ebyiri z'abantu. Umwe muribo azaba afite ikimenyetso cy'Imana, undi azaba afite ikimenyetso cy'inyamaswa. Ese uko ni ukuri? Ni gute benshi bamenya ibyo? Rero, niba Ikimenyetso cy'Imana ari Ikimenyetso... Niba Ikimenyetso cy'Imana ari Umwuka Wera, noneho abadafite Umwuka Wera bafite ikimenyetso cy'inyamaswa. Kandi Bibiliya yavuze ko imyuka ibiri izaba yegeranye cyane, kuburyo izayobya ni Intore niba bishoboka. Ntabwo izabikora, kubera ko ni abatorewe Ubugingo Buhoraho. Murabona? Itorero rigenda nk'ibisanzwe...

60 Abari icumi barasohotse bajya gusanganira Umwami, bose bari bejejwe, bose bari abera, buri wese

muri bo yari yejejwe. Batanu barakererwa ndetse amatara yabo arazima. Batanu bari bafite amavuta mu matabaza yabo. "Kandi, mwitegereze Umukwe araza." Nuko abatanu bari bafite amavuta mu matabaza binjira mu birori. Noneho abandi basigara hanze, aho barimo baririra, kandi bataka, ndetse bahekenya amenyo. Mwitegure, kubera ko mutazi umunsi Umwami azaziraho. Ese... Ni iki Amavuta ashushanya muri Bibiliya? Umwuka Wera.

61 Noneho, niba wowe uyu munsi uri mwene Data w'Umudivantiste w'umunsi wa karindwi ukaba uvuga ko umunsi wa karindwi ari ikimenyetso cy'Imana, garagaza Icyanditswe kimwe cyo kubihamya. Bibiliya ivuga ko Ikimenyetso cy'Imana ari Umwuka Wera. Mwitegereze ibi. Ibi, mwitegereze umurongo wa 13 noneho.

...mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe…

Mufate mub'Ebefeso 4:30; ndibwira ko ariho. Turebe niba tutabisanga mu 4:30; turebe niba atari bimwe; Abefeso ibice 4 n'umurongo wa 30, yego, ngaha nahageze, 4:30

Kandi ntimuteze agahinda Umwuka Wera w'Imana wabashyiriweho kuba ikimenyetso, kugeza ku munsi wo gucungurwa.

62 Kugeza ryari? Ni gihe ki nyakuri, nyakuri wakira Umwuka Wera, ni igihe kingana iki ugomba kugumana nawo? Ese ni ukugeza ku bubyutse bukurikiyeho? Kugeza ubwo nyogokuru ahagaze mu nzira yawe? Kugeza ubwo umukoresha wawe akubwiye nabi? Kugeza ku munsi wo gucungurwa kwawe. Halleluya.

Nyuma y'uko upfuye, nyuma y'uko umaze kwinjira mu gihugu, ukaba uhagaze aho hamwe nabo bakundwa, nabwo uba ucyuzuye Umwuka Wera. Ibyanditswe… Uba umeze nkuko umeze ubu, usibye ko gusa… Uba winjiye muwundi mubiri. Uba wahinduranyije amazu. Iyi ikaba irashaje; ukaba udashobora kuyikoreza imitwaro ukundi; iyo mitambiko ikaba yashaje. Uko ni ukuri. Nuko icyo kintu gishaje ukagita kure, maze ukareka kikaborerera aho hasi, maze ukimukira muyindi nshya. Ese uko ni ukuri? "Kubera ko niba iyi ngando yo ku isi isenyuka, dufite indi idutegereje."

63 Muribuka undi munsi, ndimo nyura muri ibyo? Igihe umwana muto arimo yubakwa mu nda ya nyina, kandi utwo dutsi duto twe turimo dutera akajya asimbuka ndetse agenda… Ariko iyo mama we akimara kumubyara, noneho uwo mwana hano ku isi ikintu cya mbere, haba hari umubiri w'umwuka kugira ngo ubashe gufata uwo mubiri usanzwe. Wenda ahari dogiteri akamukubita [Mwene Data Branham akubita mu kiganza—Ed.] nka gutya, cyangwa ikintu kikamunyeganyeza, nuko "wha, wha, wha." noneho ako kanya agahita ajya ku mabere ya mama we ,"Um, um" arimo azamura umutwe we hejuru no hasi aho ku mabere ya mama we, kugira ngo iyo mitsi y'amashereka izane amashereka.

Akanyana gato, iyo kakiva mu nda ya nyina, gahita gahaguruka kuri ayo mavi mato nyuma y'iminota mike. Ni iki gakora? Maze kakagenda gasubira inyuma, kagafata iyo nyina, maze kagatangira kuzunguza ako gatwe gato hejuru no hasi nka gutya, maze kakabona amata, Halleluya. Yego, mugabo.

Igihe uyu mubiri usanzwe ugeze ku rupfu, haba hari undi mubiri w'umwuka uwutegereje. Maze igihe uyu mubiri usanzwe uguye mu gitaka (Halleluya.), haba hari undi utegereje hakurya. Tuva muri umwe tujya mu wundi; duhindura ubuturo. Uku gupfa kwambara kudapfa, uku ni uk'umwuka, uku kubora kwambara kutabora. Iyi mikanyari y'ubusaza, no kunanirwa, umubiri uhetamye, ariko ntabwo ujya uhindura uko usa na gato; ndashaka kuvuga ko nugera hakurya, uzaba ufite uwo mwuka umwe.

64 Reka mbahe akantu gato karasa nkaho kabashobeye, ariko ni Bibiliya. Noneho ndibubahe akandi karaza kubibasobanurira. Murebe ibi hano. Igihe Sawuli wa kera, umwami, uwo wakera, uwo mubwiriza w'umunyedini wa kera aho hepfo icyo gihe, murazi, uwo wari ufite umutwe n'intugu bisumba abandi bose, kandi yari afite ubwoba; nta kintu yari azi kubijyanye n'indengakamere. Dawidi yagomba kuza akaba ari we ukura umwana w'intama mu menyo y'intare, akica Goliyati. Mumwitegereze. Yagiye kure ava ku Mana; atangira kwanga uyu mubwiriza wo mu bera bigaragura. Aho kuba hamwe na we ngo agerageze kumufasha, yarahindukiye aramurwanya. Sinzi niba ibyo bidatanga ifoto neza neza, ni ifoto yuzuye; yaramuhindukiriye.

65 Nibangahe bari hano igihe navaga aha ngiye mu rugendo rwanjye rwa mbere maze nkabwiriza nti, "Dawidi yishe Goliyati," Igihe nagendaga? Ni benshi, bamwe, bake bamaze iminsi. Ndimo kwitegura kongera kuri iki. Mwibuka, twabonye ibyabaye Kucyumweru gishize? birimo kwimukira kurundi rwego. Igiterane cya kabiri cya Dawidi, urwego rwa kabiri rw'umurimo we. Uko ni ukuri neza neza. Iki, noneho ahinduka umwami w'abisiraheli. Mwitegereze umurimo noneho urimo kwimukira murwego rwisumbuyeho, ugenda uba munini. Uko niko Dawidi yakoze.

Noneho, mwitegereze araje, Dawidi, oh, igihe Imana yari ifite Dawidi asohotse aho maze yica intare, mwitegereze, maze yica idubu, hanyuma yica Umufilistiya… Noneho, aho haje igihe ubwo Imana yateje umwuka mubi kuri uyu muntu wa kera. Kandi noneho, byari ibiki? Kwanga Dawidi. Kandi ndibwira...

66 Noneho, aya makasete… Noneho, mwumve, bene Data, mwebwe abumva amakasete, niba

mutemeranya nanjye, mumbabarire. Murabona, ndabakunda. Nzahura namwe hariya hakurya uko biri kose (Murabona?), kubera ko niba uri umuntu w'Imana, nzahura nawe uko byagenda kose. Ariko ndashaka kuvuga ibi; hano hari impamvu. Ni ukubera ko Sawuli yabonye ko Dawidi yari afite ikintu we atari afite... Noneho ni iki cyabaye?

Agahungu gato k'inzobe, k'uruhu rukanyarayе… Bibiliya iravuga ngo yari inzobe. Ibyo ntabwo byari byiza ku mwana, "utukura" yari umuntu usa nufite uruhu rukanyaraye mwene gutyo. Maze arasohoka, nuko Sawuli… Igihe yambaye intwaro za Sawuli kuri we, ndatekereza ko ingabo yarimanutse igera ku birenge. Maze aravuga ati, "Fata ibi bikoresho byanjye." Nta kibazo. Noneho, wenda ahari yamuhaye impamyabumenyi y'ikirenga, Ph.D. or LL.D., cyangwa ikindi, murazi. Yavuze ngo iki, "Nta kintu na kimwe nzi kuri ibyo bintu, kubera ko ntabwo nigeze mbigerageza. Reka mfate ibi nzi uko bikora." Yego, mugabo. Atwara umuhumetso.

67 Noneho batera Dawidi gusara kubera abakobwa, amatorero, amatorero yarimo aririmba, "Sawuli ashobora kuba yishe ibihumbi, ariko Dawidi yishe inzovu."

Noneho ishyari riratangira, "Ibyo bintu by'Izina rya Yesu bya kera, nta kintu kirimo." Uko ni ukuri. Kandi ni iki Imana yakoze kuri we? Imana yohereje umwuka mubi kuri we (Murabona?) kugira ngo yange Dawidi, kandi yange Dawidi nta mpamvu.

Dawidi yashoboraga kumukuraho ijosi mu kanya gato. Yarabishoboye, ariko arabyihorera. Nta kintu yigeze avuga. Nyakuri yajyaga kubikora. Aragenda nuko akata umurizo w'ikote rye ijoro rimwe, aragaruka, aravuga ati, "Murebe hano, murabona?" Yego, mugabo, ntabwo yari akwiriye kubikora, ariko aramwihorera. Yajyaga kuba yaraciyemo iteraniro rye ibice, kandi akabatatanya, nuko agatangira ishyirahamwe rye bwite yashakaga. Ariko ntabwo yabikoze; yaretse Sawuli arakomeza. Areka Imana iba ariyo imurwanirira. Yego, mugabo.

68 Nuko igihe asohotse, kandi igiterane kirangiye, biratangira, uwo mwuka mubi umuzaho cyane kuburyo Sawuli atashoboraga kubona igisubizo kivuye ku Mana. Nyuma y'igihe gito… Umwuka w'Uwiteka wari wamuvuyeho. Kandi uwo Samweli ushaje, uwo bari baracishije bugufi, uwo nyakuri wari Ijwi ry'Imana kuri bo, uwo wavuganaga nabo mbere y'uko batangira gukora nk'isi...

Ni ukubera iki itorero rishaka gukora nk'isi? Kubera iki Abapantekote, babatijwe n'Umwuka Wera bakagira imyitozo y'Abametodiste, n'Ababatista, n'Abapresbyteriani bashaka gukora nk'isi? Kubera iki babikora? Ntabwo mbizi. Ntabwo nshobora kubisobanukirwa. Muravuga muti, "Rero, ntabwo bishimishije cyane gukina amakarita, dukeneye ibirenzeho, ibindi bifite agaciro karuseho," Uko mwabyita kose. Ni icyaha. Ntabwo mwari mukwiye kugira ibyo bintu mu mazu yanyu. "rero, ntacyo bitwaye gufata akarahuri ka byeri hariya hanze. Uh, dufata gake. Njye n'umugore wanjye twafashe gake ku mugoroba." Kandi ikintu cyambere murazi, abana bawe bazafata gake. Nyakuri niko biri.

69 Kandi mwe bagore, Hmm. Satani yabagize… Icyo nicyo yakoze mu itangiriro, kandi nyakuri agamije kubafata mwe bashiki bacu. Akora nka gutyo… Kubera ko azi icyo ashobora gukora. Ashobora gushuka umugore inshuro igihumbi kuruta umugabo. Ndabizi ko ibi biribukomeretse ibyuyumviro byanyu, ariko uko ni ukuri. Nibyo neza neza. Icyo nicyo yakoze mu ngobyi ya Edeni. Ashobora gutuma... Noneho, yarakiranukaga; yari umunyakuri, ariko yarashutswe. "Adamu ntabwo yashutswe," Bibiliya niko ivuga. Ntabwo yashutswe, ariko umugore yarashutswe. Noneho ashobora kumushuka. Kandi nyamara abapasteri barasohoka maze bakimika abagore ngo babe ababwiriza, bakabashyira hariya hanze ngo bakurire iteraniro nka gutyo, kandi ibi Bibiliya irabicyaha kuva mu Itangiriro kugera mu byahishuwe. Muravuga muti, "Rero, nta kibazo. Nta kibazo. Bafite... Bashobora kubwiriza kimwe n'undi wese."

70 Kimwe n'umuntu watangiye kuvuga mu ndimi igihe kimwe; nkomeza kubwiriza. Kandi igihe nasohotse, umugore abwira umuhungu wanjye, aravuga ati, "Mfite ubutumwa bwo gutanga ejo nimugoroba," ati, "igihe papa wawe azaza ku gicaniro." Aramubwira ati, "Oh, ubutumwa, ni iki ushatse kuvuga?"

Maze uwo mugoroba igihe nari niteguye, igihe nagira ngo mpamagare abihana, atangira gutunganya imisatsi ye, kandi atangira kuzamura utwo twenda tw'imbere na buri kintu, aritegura, asimbukira hagati aho kw'isima maze atangira gusimbuka hejuru no hasi, avuga mu ndimi, ndetse ahanura. Nkomeza kubwiriza, no guhamagara abihana. Noneho, sinabyitaho na gato; ntabwo byari bikwiriye.

Nuko noneho, rero, Bibiliya yavuze ko ataribyo, ivuga iti, "Umwuka w'abahanuzi ugengwa n'umuhanuzi." Imana iri.. Imana irimo ivuga ku gicaniro, muyireke ivuge. Pawulo yaravuze ati, "Niba hari ikintu gihishuriwe umwe, reka atuze kugeza undi arangije." Uko ni ukuri.

Noneho, ubwo narinsohotse, aba bantu baravuga, itsinda rinini ry'abantu, baravuga bati, "Wababaje Umwuka Wera uyu mugoroba."

Ndavuga nti, "habaye iki? Ni iki nakoze?"

Baravuga bati, "Rero, igihe uriya mushiki wacu yatambutsaga buriya butumwa. Halleluya, avuga

ibyo..."

"Kubera iki" ndababwira nti, "Narimo mbwiriza. Yari yishe gahunda."

"Oh," baravuga bati, "biriya byari bigitoshye bivuye ako kanya ku ntebe y'ubwami. Byari bishya kuruta ibyo warimo ubwiriza." Ha.

71 Noneho, ibyo byerekana ko… ibyo byerekana wenda ibi… Kandi ibi ndabivuga kubwo kububaha, byaba umwanda, cyangwa bikaba kutubaha, cyangwa bikaba kwigisha injiji abo batazi Imana nkuko urukwavu ntacyo ruzi kuri izo nkweto zambarwa mu rubura. Noneho, ibyo, ntabwo mbivugira kugira ngo ngaragaze ko ndi umuntu udatekereza neza, kubera ko uyu si umwanya wo gukiniramo. Ariko ibi ni ukuri neza neza. Umuntu ashobora kumenya ko Imana atari yo itera umuvurungano. Ni iy'amahoro. Bibiliya ntabwo bayizi. Icyo bazi gusa ni uburyo basimbuka hejuru no hasi, bakavuga mu ndimi, bakavuga bati, "Mfite Umwuka Wera. Helleluya."

Nahagaze ndeba muri Afurika, abo barozi n'ibintu bavuga, akaba yavuga amagambo ibihumbi bitanu mu kanya gato, agasimbuka hejuru no hasi, ahantu hose huzuye amaraso ku maso ye, akavuga mu ndimi, kandi akanywa amaraso avuye mu bihanga by'abantu, agahamagara Satani, kandi akavuga mu ndimi.

72 Cyokora kuvuga mundimi nabwo ni impano y'Imana, ariko icyo sicyo kimenyetso kidakuka ko ufite Umwuka Wera. Reka mbibabwire aka kanya. Nizera ko abera bose bahumekewe bavuga mu ndimi. Nizera ko umuntu rimwe na rimwe igihe uhumekewe cyane n'Imana ushobora kugera aho uvuga mundimi. Ndabyizera. Ariko ntabwo nizera ko ikimenyetso cyose ubonye uba wabonye Umwuka Wera. Yego, mugabo. Nizera ko hari igihe ugira kwizera, umuntu, ushobora kugenda maze ukarambika ibiganza ku mwana muto ufite kanseri, mu gihe ababwiriza mirongwitanu bamusengeyе, maze agakira; kubera ko uwo mubyeyi afite kwizera kubw'uwo mwana. Imana ikabimuha; ni umwe mu bagize Umubiri wa Kristo. Yego, mugabo. Ibyo ndabyizera. Narabibonye bikorwa, kandi nziko ibyo ari ukuri. Ariko ni ibiki, Ni ugushyira itorero muri gahunda, ukarishyira muri gahunda bityo rikabasha gukora.

73 Noneho, reka dusome ibisigaye by'uyu murongo hano mbere y'uko tugenda.

...kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe…

Ikimenyetso, ikimenyetso ni iki? Ikimenyetso ni iki? Ikimenyetso, ikintu cya mbere cyerekana umurimo urangiye, umurimo wuzuye. Ikintu gikurikiraho cyerekana nyirawe. Kandi ikindi cyerekana umutekano, ko kirinzwe.

Vuga, urugero, nigeze nkorera isosiyete ya gariyamoshi Pensylvania Railroad; nigeze nkorana na papa aho ku muhanda wa gariyamoshi. Twashoboraga gupakira imodoka. Kandi tugashyiramo hano iyo sosiyete ipakira imitwaro; tukaba twashyiramo amajerekani. Kandi tugashyira amwe hano hejuru, n'andi hano hasi, n'andi tukayashyiramo muri ubu buryo. Ariko mbere y'uko iyo modoka ishyirwaho ikimenyetso, umugenzuzi akaza aho, maze akabisunika, agashikuza kino, akanyeganyeza kiriya. "Aw. Mubihane. Bishobora kuza gushwanyuka mbere y'uko bigera hariya. Mubihane. Mubikuremo. Mwongere mubikore." Umugenzuzi agahana imodoka yose.

74 Umwuka Wera ni umugenzuzi. Arakunyeganyeza gato, akagukubita inkonji. Ese wizera Ijambo ry'Imana ryose? "Ntabwo nizera muri ibyo bintu by'Izina rya Yesu bya kera" Mubicire urubanza. Ugakubitaho. Murabona? "Ntabwo nizera mu gukira kwa kimana cyangwa nta bintu nk'ibyo bibaho." Agakomeza agakomangaho, mubikuremo. Ese wizera Yesu ko ari uko yari ejo hashize… "Rero, mu buryo bumwe." Ugakomanga. Mubikuremo; ntabwo byari byatungana. Yego mugabo.

Mwene Data, igihe witeguye kuvuga uti, "Amena..." Ese wigeze wakira Umwuka Wera? "Amena." Ese ibintu byose byuzuye? Noneho niki Umugenzuzi akora? Ibintu byose iyo babipakiye neza kandi bifashe, byuzuye Ubutumwa Bwiza. Oh, buri Jambo ryose ry'Imana ni ryiza. Buri kintu kiratunganye. "Nizera buri Jambo. Amena. Amena. Amena." Ese uracyizera ko Imana igikiza indwara? "Amena." Wizera ko Yesu ari uko yari ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka? "amena." Wizera ko Umwuka Wera ari ukuri nkuko yari Ari? "amena." Wizera ko Umwuka Umwe wamanutse kuri Pawulo watumanutseho? "amena." Wizera ko ukora ibintu bimwe kuri twe nkuko Wabikoze kuri bo? "Amena." Uh, Oh, arimo aragenda akomera. Murabona, kugenda, bifatana neza; turi hafi gukinga umuryango. Nibyo.

75 Noneho umugenzuzi afunga umuryango. Ni iki akora? Awushyiraho ikimenyetso. Noneho aramanuka maze agafata ako kuma gafatanya, akajya aho kuri aka kantu gato maze agashyiraho ikimenyetso kuri byo. Byaba byiza utiriwe ubikoraho. Niba iyo, iyo modoka iragarukira Boston, ntabwo yafungurwa. Uwabikora yajyanwa gufungwa agerageje gukuraho icyo kimenyetso mbere y'uko igera Boston. Kandi umuntu ufite ububasha niwe ukuraho icyo kimenyetso, kandi niwe wenyine. Uko ni ukuri. Ni ibya sosiyete runaka ya gariyamoshi. Iki ni ikimenyetso cyabo. Ni igihamya cyabo ko iyi modoka bayipakiye; iyi modoka ikaba yiteguye. Ni iyabo. Ntabwo bashobora gushyiraho "B & O" aho muri Pennsylvania. Ugomba gushyirwaho ikimenyetso, kandi igihe gishyizweho...

76 Kandi igihe Umukristo apakiwe Ubutumwa Bwiza, yuzuye kugira neza kw'Imana, ibyo bintu byose byiza by'Imana biri muri we, hamwe n'umutima ukinguye, yiteguye gukora, ashaka gushyirwa mu mwanya w'igihagararo, agakora ikintu Umwuka Wera amubwiye gukora, aba avuye mu rupfu agiye mu bugingo, yejejwe ku bintu byose by'isi, agendera mu Mucyo nkuko Umucyo uza kuri we, agenda, yiteguye. Noneho Imana ifunga umuryango w'isi inyuma, maze ikabisunikira hamwe nka gutya, maze Ikamushyiraho ikimenyetso cy'Umwuka Wera w'isezerano. Halleluya. Bimara igihe kingana iki? Kugeza ku iherezo ry'urugendo. Ntuzagerageza kumukuramo muri iyo modoka ya gariyamoshi, no kugerageza gufungura, noneho reba niba buri kintu kimeze neza. Aho nta kibazo; ugomba kubiha amahoro. Umugenzuzi aba yamaze kugenzura. Bizamara igihe kingana gute ushyizweho ikimenyetso? Kugeza ku munsi wo gucungurwa. Aho niho ikimenyetso kigarukira.

“Oh, igihe upfuye, noneho, Mwene Data Branham, bigenda bite nyuma y'uko upfuye, nabwo uba ukiwufite?” Uba uwufite iteka. Ese Ubugingo butangirira he? Ku gicaniro. Aho nyine ukabona agacucu gato cyane. Icyo ni igicucu, Ikimenyetso cy'Umwuka Wera. Noneho bikaba ari igicucu cy'ibicucu by'ibicucu, nkuko nabivuze undi munsi. Ariko igihe upfuye, ukomeza kugenda unyura muri ibyo bicucu kugeza ugeze ku buhehere, ukava ku buhehere ukagera ku gasoko gato gatonyanga, ukava ku gasoko ukagera ku kagezi, ukava ku kagezi ukagera ku ruzi, ukava ku ruzi ukagera ku nyanja (Murabona?) y'urukundo rw'Imana. Ukaba ukiri wa muntu umwe.

77 Murebe hano. Uwo Sawuli wa kera, uwo wasubiye inyuma, ntabwo yashoboye kugera ku Mana, nyamara ntabwo yazimiye. Nyakuri ntabwo yazimiye. Yari umuhanuzi, ariko yagiye hanze y'Imana. Iyo niyo mpamvu, bene Data, mvuga ko, “Mutazimira.” Noneho mwibuke, yavuye mu bushake bw'Imana; nuko noneho ikintu cya mbere murazi, ntabwo yari bubyemere. Noneho, ahari sinari nkwiriye kuvuga ibyo. Nta kibazo, ndakomeje imbere y'iteraniro rinezerewe uyu mugoroba. Nuko noneho, murazi, ikintu cyambere murazi, oh, mbega, noneho yagiye kuri Urim Thummim.

Muzi icyo Urim na Thummim yari cyo, isahane yambarwaga mu gituza, yari efodi iyo Aaroni yambaraga. Kandi yari ihari igihe cyose, Imana igihe cyose yagiye iba Imana y'indengakamere isubiza mu buryo bw'indengakamere. Kandi igihe umuhanuzi yahanuraga, nuko iyo micyo itangaje ntihure aho kuri Urimu na Thummimu, byababaga atari ukuri. Igihe umurosi yavugaga inzozi ze, maze ntibirabye kuri Urimu na Thummim, ntabwo nitaye kuburyo byababaga byumvikana neza; byababaga ari ibinyoma. Uko ni ukuri.

78 Kandi ntabwo nitaye ku mubare w'impamyabumenyi z'ikirenga ufite n'uburyo idini yanyu ari nini, igihe uhanuye cyangwa ukabwiriza, ntibihure n'iri Jambo, uba uri mu makosa, mwene Data. Uba… Iyi niyo Urimu na Thummimu y'Imana. Igihe uvuze ko wari waramenywe mbere y'imfatiro z'isi, hanyuma ntirabye imirabyo; kubera ko ari ko Bibiliya yavuze ko uri. Igihe uvuze ko ugomba kubatizwa mu izina rya Data, Umwana, Umwuka Wera, ntirabye imirabyo; bitewe n'uko nta muntu muri Bibiliya wigeze abatizwa muri ubwo buryo, barabikoze gusa mu Izina ry'Umwami Yesu. Ntabwo byarabya imirabyo, noneho haba hari ikintu gipfuye ahantu runaka.

79 Nuko Urimu na Thummimu ntabwo yasubije uwo Sawuli wa kera, kandi nta nubwo yabashaga kubona inzozi. Yari yagiye kure cyane, kugeza ubwo atashoboraga no kubona inzozi. Noneho muzi icyo yakoze? Yaramanutse ajya ku murozi, kandi uwo murozi wa kera, uwo mukonikoni w'idayimoni aho hepfo, umupfumu. Maze aravuga ati, “Ese wanshikira?”

Aravuga ati, “Yego, ariko Sawuli yavuze ko azica buri muntu ushika.”

Aravuga ati, “Nzakurinda,” yari yambaye nk'ukora i bwami. Aravuga ati, “Nshikira maze ungeze mu isi y'abapfuye iyo ngiyo irenze hano.” Noneho, mwumve ibi. “Ungeze ku mwuka wa Samweli umuhanuzi.”

Maze yinjira muri ubwo bushitsi. Kandi igihe abikoze, agwa yubamye; aravuga ati, “Mbonye imana zizamutse.” Murebe, yari umunyamahanga, “imana nyinshi” ebyiri cyangwa eshatu muri zo, kimwe na Data, Umwana, Umwuka Wera, cyangwa ikindi kimeze nk'icyo, murazi. Aravuga ati; aravuga ati, “mbonye imana zizamutse.”

Aravuga ati, “Mbwira uko ameza. Ese arasa gute? Arasa nk'iki?”

Aravuga ati, “Arananutse, kandi yiteye umwitero ku ntugu ze.” Ntabwo yari yigeze ahinduka.

Aravuga ati, “Uwo ni Samweli. Muzane muri iki cyumba; muzane hano imbere yanjye.”

Kandi mwitegereze igihe Samweli yaje imbere ya Sawuli, yaravuze ati, “Kubera iki umpamagaye, mu gihe ubona ko wahindutse umwanzi w'Imana?” Noneho reba. Noneho ntabwo yari akiri Samweli gusa; ahubwo yari agifite umwuka w'ubuhanuzi. Bihakane; nihagire uza abihakane. Ni ukuri. Yari akiri umuhanuzi. Kubera ko havuga ngo, yarahanuye kandi aravuga ati, “Ejo urugamba ruzakwadukira, kandi wowe n'abahungu bawe muzagwa mu rugamba ejo, kandi nk'iki gihe ejo nimugoroba muzaba muri kumwe nanjye aha.” Ese uko ni ukuri? Yari akiri umuhanuzi.

Noneho, muravuga muti, “Oh, ariko ibyo ni umurozi wabikoze.”

80 Nta kibazo, ndababwira undi utari umurozi. Yesu yafashe Petero, Yakobo, na Yohana, maze bazamuka Umusozi wo Guhindurirwaho igihe kimwe, kandi yari ahagaze aho ku musozi hejuru. Maze Yesu, Imana yarimo ishyira mu mwanya Umwana Wayo nkuko narimo mbigerageza undi mugoroba, gushyira umwana mu mwanya. Kandi igihe babikoze, bareba aho maze babona ko hari hahagaze Mose na Eliya. Barimo bavugana, kandi basabana, atari akabendera gato k'umweru karimo kanyeganyega aho, cyangwa wenda igicu gito cy'umweru, kirimo kinyeganyega aho. Ahubwo bari abantu, bavugana. Mose yari yarahambwe mu mva itaramenywe mu myaka maganinani. Kandi Eliya yari yaratashye mu rugo agendeye ku magare mu myaka magana atanu. Kandi bombi bari aho, bakiri bazima nkuko bari bazima, bahagaze aho barimo bavugana na We mbere y'uko Ajya i Karuvali. Halleluya. "Dushyirwaho ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa kwacu."

81 Ndihuta, kandi turahita dusoza, kubera ko twakerewe, maze turibusengere abarwayi, nko mu minota itanu irengaho. Umurongo wa 14… Igihe usomye umurongo wa 13 nawo, ukawukoresha nk'inyigisho.

Ni we namwe... mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu…

Noneho, mwibuke, ni akahe gakiza bari bafite? Aba bari Abakristo b'Abefeso. Noneho, murebe, ese mwabonye Abakorinto? Igihe cyose yajyaga ababwira ati, "Igihe nzaza muri mwe, umwe akaba afite kuvuga mu ndimi, umwe afite ururimi, undi akaba afite zaburi, undi akaba afite ubuhanuzi, undi akaba..." Murabona, nta kintu yashoboraga kubigisha, kubera ko igihe cyose babaga bashaka ibi, biriya, cyangwa ibindi. Aba bantu bari bafite ikintu kimwe, ariko bari babifite muri gahunda. Ntabwo yigishije Abakorinto ikintu nk'icyo; ntabwo yari bubikore. Itorero ntabwo ryari muri gahunda yo kuba ryakwigishwa ibyo. Noneho, ntabwo yashoboraga kwigisha aba bantu ikintu cy'ukuri.

... ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu:

...kandi mumaze... kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe,

uwo twahawe ho ingwate ...(Oh, reka ne kurenga ibi)… Ingwate yo kuzaragwa wa murage kugeza... ubwo abo Imana yaronse izabacungura. Ubwiza bwayo bushimwe…(Whew)

82 Umwuka Wera ni iki? Ubu, noneho ngiye gusoma ibisigaye byose vuba vuba niba mushobora kunyihaganira aka kanya. Ese twarihe urya mugoroba wundi, Mwene Data Mike? Aho bose bari bishimye, oh, ibintu byose ari amahoro; urwo rwari urukundo rutunganye. Noneho, buri gihe iyo muje muri ubu buryo, mushyira hasi gato, mugashyira hasi. Buri igihe uko uteye intambwe, niko uba wegera hafi. Igihe bigeze hasi kw'isi, uba ufite igicucu cy'igicucu cy'igicucu cy'igicucu. Noneho, uko niko Umwuka Wera ujya muri wowe. Urwo ni urukundo. Ariko oh, uba unyotewe ikintu.

Oh, ese abantu bameze nk'abasaza, abantu bashaje… Mbega ukuntu nakwifuza gusubira inyuma maze nkagira imyaka cumi n'itanu nanone, cyangwa makumyabiri. Oh, natanga buri kintu mfite. Ni iki byamarira? Nshobora kugira imyaka cumi n'itanu kandi nabwo ngapfa iryo joro. kandi ni ibintu utazi neza. Byagenda bite uramutse uyu mugoroba ufite imyaka cumi n'itanu, wamenya gute niba mama wawe araba akiriho nugera mu rugo cyangwa atakiriho? Wamenya gute niba uribugere mu rugo? Wamenya gute ko ejo uzaba ukiriho niba ufite imyaka cumi n'ibiri ndetse ubuzima bwawe ari bwiza butunganye? Ushobora kwicwa n'impanuka, ukagwa ugapfa, ikindi kintu gishobora kukubaho. Ntabwo uba ubizi neza. Ariko urabyifuza. Ni ibiki? Ni ibyo byaho hejuru bigutera kwifuza ibyo.

83 Noneho, ugendera muri ibi, kandi ukaba ufite Ubugingo Buhoraho. Noneho, ni iki kiba? Aba ari "ingwate."

Amafaranga y'ingwate ku kintu ni iki? Ndamutse nje kuri wowe kugura imodoka, nkavuga nti, "iyi modoka igura angahe?"

Ukambwira uti, "Iyi modoka, Mwene Data Branham, igura ibihumbi bitatu by'amadorari."

"Ayishyurwa mbere ni angahe?"

"Rero, ndakureka uyitware ku madorari maganatanu."

"Nta kibazo, hano hari amadorari maganatanu. Nzakuzanira andi asigaye igihe runaka, vuba bishoboka. Ukajyana imodoka." Nguhaye amadorari maganatanu; iyo ni ingwate. Ese uko ni ukuri.

Noneho, ugafata ayo, ni ingwate; ni ubwishyu bwishyurwa mbere.

...kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ...ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe...

Uwo …(Iki, Ikimenyetso cy'isezerano ni iki, Umwuka Wera w'isezerano?)... Uwo twahawe ho ingwate yo kuzaragwa wa murage kugeza... ubwo abo Imana yaronse izabacungura...

84 Ni ibiki? Ni ubwishyu butanzwe mbere. Kandi mwene Data, Oh, niba ubu aribwo bwishyu bukozwe mbere, bizagenda bite nituramuka tubonye… Ni iki kizaba? Niba iyi ariyo… Niba ibi aribyo bitunejeje ubu,

kandi tukaba twishimye kugeza… Nabonye abagabo b'imyaka mirongwicyenda bashobora bigoye...

Nabonye umubwiriza ushaje wahagurutse ijoro rimwe. Araza, aravuga, ari nka gutya, aje ku gicaniro, ndavuga nti, "Ese uriya musaza agiye kubwiriza?"

Aravuga ati, "Rero, Umwami ahabwe umugisha." Uwo musaza w'umwirabura, yambaye iryo kote rirerire rishaje ry'ababwiriza.

Ndavuga nti, "Kubera iki bataretse bariya basore ngo abe aribo babwiriza? Uriya muntu ushaje, ni gute yashobora kubwiriza?"

Aravuga ati, "Rero," ati, "bene Data," aravuga ati, "uyu munsi narimo numva bene Data babwiriza uyu munsi wose," aravuga ati, "kubijyanye nicyo Yesu yakoze hano ku isi. Ngiye kubabwira icyo Yakoze mu ijuru." Aravuga ati, "Ngiye gufata icyigisho cyanjye muri Yobu 7:27," ati, "igihe byari aho kera mbere y'imfatiro z'isi," ati, "igihe Yavuze ngo inyenyeri za mu gitondo zaririmbiraga hamwe n'abana b'Imana basakurishwa n'umunezero." Akomeza gutyo... Aravuga ati, "Murazi, hari bamwe bagiye... Haba ikintu aho inyuma." Aravuga ati, "Murazi..." Kandi atangira kuzana ibyabaye mu ijuru. Azana umukororombya awutambitse mu kuza kwa kabiri.

Kubijyanye ni icyo gihe, Umwuka Wera aramufata. Noneho, bagombye gusohora uwo mwene Data hanze; yari afite nk'imyaka mirongwicyenda n'itanu. Yari ameze nka gutyo, yari yunamye, hasiga agace gato k'umusatsi, murazi, gato nka gutya. Araza maze atangira kubwiriza, aravuga ati, "whoopee. Halleluya. Icyubahiro kibe icy'Imana." Atangira gusimbuka hejuru no hasi nka gutya. Ati, "Oh, ntabwo mufite hano icyumba gihagije nabwirizamo. Asimbuka hejuru no hasi nka gutya, bikomeye kuburyo bwose bushoboka. Kandi iyo nyakuri ni ingwate. Oh."

85 Ni ibiki Umwuka Wera akora? Oh, hano hari umwanya mwiza. Reka nsome umurongo wa mbere w'igice gikurikiyeho. Ese nabikora? Ese bimeze neza? Muvuge, "Amena." [Iteraniro riravuga riti, "Amena."—Ed.] Nta kibazo, umurongo wa mbere w'igice cya kabiri, vuba vuba. Mwumve.

Namwe abari… mwe… kandi namwe abo yazuye, abari igihe kimwe… bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha:

"Mwebwe abo Yazuye..." Ese "Kuzura" bisobanuye iki? "Kugira muzima." Mwari mugiye, ariko Arabazura kubw'ayo mafaranga y'ubwishyu bwa mbere. Bizagenda bite igihe uzabona uwo mugabane wose?... Oh. Ntabwo bitangaje ko Pawulo, yazamuwe mu ijuru rya gatatu akavuga ati, "Ibyo amaso atabonye; amatwi atumvishe; ibitarigeze byinjira mu mutima w'umuntu, nibyo Imana yabikiye abayikunda." Ibyo bizaba ari ibiki? Muvuga umunezero utarondoreka no kuzura ubwiza. Whew. Umm. Mwebwe mwari mupfiriye mu byaha n'ibicumuro igihe kimwe, namwe Yarabazuye binyuze mu gicucu cy'igicucu cy'ibicucu. Bigenda bite igihe mugeze ku gicucu cy'ibicucu by'igicucu, noneho mukaza ku kagezi, akagezi kakagera ku ruzi, uruzi rukaza kuba inyanja?

86 Kandi bizaba bimeze bite igihe uzaba uri hariya hakurya mu gucungurwa hamwe ni umubiri mushya, wasubiye kuba umusore bundi bushya, cyangwa inkumi; ukaba utazongera gupfa ukundi. Maze ukareba hano ku isi nuko ugatekereza uti, "Nari kuba nryohewe n'inkere hamwe n'amazi akonje, ariko, murazi, ntabwo mbikeneye hano." Ariko umunsi umwe Yesu azaza, n'uwo mubiri w'abamarayika, iyi tewofaniye iyo mbamo, kandi ntabwo azaza anyuze mu nda y'umugore ukundi; ntabwo azanyu mukwifuza kw'imibonano ukundi; ahubwo kubera ko Uwo yavutse bitanyuze mu kwifuza kw'imibonano, nzazuka ntafite uko kwifuza. Kandi umunsi umwe azavuga, kandi abapfiriye muri Kristo bazazuka, maze uwo mubiri nahozemo igihe kimwe uzazukamo umubiri uhawe ubwiza. Kandi nzagenda; nuko nzagenda; nzabaho; kandi nzanezerwa (Halleluya) nza...Ku myaka izaza, binyuze muri Yesu Kristo Umwami wacu. Ngaho aho muri, mwene Data; ubwo ni Ubutumwa Bwiza.

87 "Niyo mpamvu nanjye..." Pawulo yarimo atubwira ibyo ari ibyo. Ndasoma ibisigaye by'ibi, kandi noneho turibusengere abarwayi. "Kugeza ubwo ibyo dufite, iyi ni ingwate kugeza ubwo tuzabona ibyo dufite, kugeza ku guhimbazwa k'Ubwiza Bwe."

Kubw'ibyo niyo mpamvu nanjye, nyuma yo kumva ibyo kwizera kwanyu… (Numvishe ko mwizeye ibi bintu; numvishe nyakuri ko mwizeye mu kumenywa mbere, Ubugingo buhoraho, n'agakiza, n'ibindi)… Mu mwami Yesu, n'urukundo ku bera…bose,

mbashimira Imana urudaca nkabasabira uko nsenze,

kugira ngo Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo Data wa twese w'icyubahiro, ibahe umwuka w'ubwenge no guhishurirwa... bitume muyimenya... (Kugira ngo mukomeze kumuhishurirwa ibihe byose, mukura muva mu buntu mujya mu bundi, muva mu mbaraga mujya muzindi, muva mu bwiza mujya mu bundi. Atari kongera gusubira inyuma; ahubwo muva mu bwiza mujya mu bundi, mugakomeza kugenda. Nzakomeza kubasengera.)

ngo amaso y'imitima yanyu…

88 Umm. Murazi, kandi Bibiliya iravuga ngo mwari impumyi ndetse mutabizi. Ariko hano Pawulo aravuga ati, "Ngiye gusenga kugira ngo amaso y'imitima yanyu..." Kugira ngo musobanukirwe mukoresheje imitima yanyu. Icyo nicyo yarimo avuga. Ukarebesha amaso yawe, ariko ukabonesha umutima. Ibyo murabizi. Niko biri. "Iyo ni Imana y'ubwiza..." Reka turebe, umurongo wa 18.

ngo amaso y'imitima yanyu abone uko ahweza mumenye ibyo mwiringizwa n'Iyabahamagaye, mumenye n'ubutunzi bw'ubwiza bw'ibyo azaraga abera,

mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe ...(whew. Baravuga ngo imbaraga zaragiye? Imbaraga nta nubwo zari zaza.)... abizeye nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri,

"Mwebwe abizeye nkuko Imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri, ndasenga kugira ngo Imana isuke imbaraga Zayo kuri mwe." Murabona?

izo yakoreye muri Kristo ubwo yamuzuraga mu bapfuye ikamwicaza iburyo bwayo ahantu ho mu ijuru,

imushyize hejuru... y'ubutware bwose... n'ubushobozi bwose... n'imbaraga... zose n'ubwami bwose, n'izina ryose rivugwa…

Oh. Kubera ko… Oya, byaba byiza ntabikoze. Ahari twamara ijoro ryose kuri byo.

...izina ryose rivugwa uretse muri iki gihe gusa, ahubwo no mu bihe bizaza.

89 Bishatse kuvuga iki buri zina, buri muntu azitwa Izina ry'iki? [Iteraniro riravuga riti "Yesu"—Ed.] Ijuru ryose ryiswe Yesu. Itorero ryose ryitwa Yesu. Buri kintu cyiswe Yesu, kubera ko niryo Zina ryonyine Imana ifite. Yitwa Yehova, Yohovayire, Uwiteka uzana Igitambo; Yehovarafa, Uwiteka ugukiza uburwayi; Yehova, Uwiteka ibendera, Manasses; na Yehova, bitandukanye na Bayehova benshi. Yitwa Inyenyeri ya Mugitondo. Yitwa Data; Yitwa Umwana; yitwa Umwuka Wera. Yitwa Alufa; yitwa Omega. Yitwa Itangiriro; Yitwa Iherezo. Yitwa Shami. Oh, Yitwa... Nyakuri Yitwa ibyitiriro byose, ariko Ifite Izina rimwe.

Icyo nicyo Matayo yarimo avuga ubwo Yavugaga ati, "Mugende noneho maze mwigishe amahanga yose, mubabatiza mu Izina (atari mu mazina), mu Izina rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera." Data ntabwo ari izina; Umwana ntabwo ari izina; Umwuka Wera ntabwo ari izina. Ni ibyitiriro[title] by'Izina. ni amazina y'imimerere itatu iba mu Mana imwe. Izina ryayo ryari Irihe? Marayika yaravuze ati, "Izina Rye muzamwite [Iteraniro rirasubiza riti, 'Yesu.'] kubera ko Azakiza abantu be icyaha." Iyo niyo mpamvu bose babatijwe muri ubwo buryo muri Bibiliya. Uko niko Mutagatifu Augustine yabatije Umwami w'Ubwongereza, nko mumyaka ijana na mirongwitanu, cyangwa maganabiri nyuma y'urupfu rwa Kristo, mu Izina rya Yesu Kristo. Niko biri.

90 imushyize hejuru... y'ubutware bwose... n'ubushobozi bwose... n'imbaraga zose... n'ubwami bwose, n'izina ryose rivugwa uretse muri iki gihe gusa, ahubwo no mu bihe bizaza.

Kandi yamuhaye gutwara byose ibishyira munsi y'ibirenge bye, imuha Itorero ngo abe umutwe waryo usumba byose,

na ryo ribe umubiri we…

Noneho, niba umubiri wanjye ufite imbaraga hejuru y'ibintu byose, noneho ubwo umubiri wanjye uba ari iki, uba ari icyo ndicyo. Ese ibyo ni ukuri? Icyo nicyo ndicyo; icyo nicyo mumenyeraho ko ndicyo. Ese ibyo si ukuri? Rero, neneho, ibyo Imana yaribyo byose, Yabisutse muri Yesu, kubera ko Yari Umwuzuro w'Ubumana mu mubiri. Ese ibyo ni ukuri? Kandi ibyo Yesu yari byo, Yabisutse mu itorero. "Ibi bintu nkora, nibyo namwe muzakora. Yewe muzakora n'ibiruta ibi, kubera ko njya kwa Data."

Na ryo ribe umubiri we ushyitse kandi ushyikirwamo na bose muri bose.

91 Oh, mbega uko nkunda ibyo. Mbega uko nkunda ibyo. Narimo nsoma undi munsi igitabo cyanditswe ku rugendo nagiyemo mu murimo muri Afrika. Ntabwo nari narigeze ngisoma mbere. Nibangahe basomye igitabo cyitwa, "Umuhanuzi Yasuye Afrika" Aho ngaho narimo ndeba umuhungu muto w'umuhinde. Ni bangahe babonye iyo foto?

Numvishe umubwirizabutumwa umwe, yarimo asengera umurwayi ufite imyaka cumi n'itanu cyangwa irenzeho; aravuga ati, "Ntabwo nigeze mbona igitangaza gikorwa mu buzima bwanjye." Aravuga ati, "Nabonye abantu bavuga ko barwaye umutwe, bagakira. Nabonye abantu bavuga ko bari barwaye munda, bagakira, n'ibindi. Ariko igitangaza, ikintu kiremwe kandi kikarema ikindi..."

Ntekereza ko uwo muhungu yari ahagaze aho kandi areba ibyo. Uwo muhungu w'umuhinde uwo ukuguru kwe kwari kunini nk'aha hose, kumwe muri yo. Ukundi kwari ukuguru kuzima, kimwe n'ukuguru kw'umuntu. Kandi iyo mubasha kubona iyi bande, aho hari urukweto rwe rufite nka cm 35 cyangwa cm 37, ruri hejuru nka gutya. Rwari rufite icyuma munsi kuri rwo. Urukweto rwe bakarushyira hejuru y'ibindi

bibiri bihagaze. Aza aho nari mpagaze; baramuzamura aho. Yari afite imbago ebyiri. Afata icyo gikweto cye kinini maze agita hasi nka gutya. Ndeba ukuguru kwe; kwari kunini nkaha hose.

92 Noneho, abo bantu bari Abayisiramu, bari abayisiramu. Mwibuka mu Cyumweru gishize igihe nabasomeye icyo ibinyamakuru byari byanditse? Ndabifite hano njyewe ubwanjye mbikuye muri Afurika, nabyohererejwe n'umumisiyoneri wasubiyeyo, Mwene Data Stricker. Hari inyandiko y'uburyo Billy Graham yasubijwe inyuma kubera ibyo. Niko biri neza neza. Aho Abayisiramu barimo bamusunika hafi mu nyanja. Ikibazo ni iki? Abamisiyoneri bagenda bata umurimo. Bimaze iki gutindayo; nyakuri baratsinzwe.

Nkunda mwene Data Billy Graham; ntekereza ko ari umuntu utangaje w'Imana. Ariko icyo Billy Graham yagombaga kuba yaramubwiye kuri ibyo, kwari ukuvuga uti, "Tegereza umunota umwe..." Niba aba Babatista bihagazeho niba bari kumwemerera kubikora, nizera ko yajyaga kubikora. Nizera ko Billy Graham ari umuntu w'Imana. Ariko yajyaga kuvuga ati, "Mutegereze umunota umwe. Ndi umubwira w'Ubutumwa bwiza. Mwizera mu Isezerano rya Kera, kandi muvuga ko Yesu nta kindi yari cyo uretse kuba umuntu. Ndabibereka mureke tubivugeho." Ntabwo nizera mu kwemerera satani ngo akwigambeho, oya, mugabo. Ariko tugomba kumuvuguruza, maze akavuga ati, "Reka twese tujye hamwe.

Ndi Dogiteri mu bya Kimana." Billy Graham ni Dogiteri mu bya Kimana. "Reka mbavuguruze kuri ibi, kandi mureke mbereke ukuntu Yesu yari Kristo. Noneho, igihe bije ku gukiza indwara bya Kimana, ntabwo mfite iyo mpano, ariko dufite bene Data babikora. Noneho, niba mushaka kuzana abantu hano, reka mpamagare umwe muri bo, Oral Roberts cyangwa undi, umwe muri bo ufite umurimo ukomeye uwo ushobora kugera aho." Aze hano, maze murebe ibiri bube, akavuga ati, "Ubukristo ntabwo ari icyo mutekereza ko buricyo."

93 Noneho, buri muntu arumva ashobewe kubera ko yahunze akabareka. Habe n'ubu sinemera mu kwemerera Satani ngo akuvuguruze. Namuciriye mu maso nanjye nka gutyo, maze ndigendera. Uko ni ukuri. Ariko igihe bigeze ahantu… Billy yajyaga gutuma uriya Musiramu yumva ko ntacyo ari cyo. Yashoboraga gufata Bibiliya maze agafata Yesaya 9:6, maze akavuga ati, "Uwo ni nde urimo kuvugwa hano, 'Umwana yatuvukiye, duhawe Umwana w'umuhungu'? Uyu muntu yari nde? Uyu ninde yarimo avuga? Uyu muhanuzi yari nde? Uyu Mesiya wagombaga kuza? Uyu Mesiya wagombaga kuza? Munyereke uburyo ibi byasohora muri Mohamedi. 'Yakomerekeye ibicumuro byacu, ashenjagurwa kubwo gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri We, kubw'imibyimba ye twakize indwara.' Binyereke muri Mohammed. Ni gute yarize, 'Mana yanjye, Mana yanjye, niki Kikundekesheje? Batoboye ibiganza Byanjye n'ibirenge Byanjye,' ndetse n'ibindi? Nyereka mu magambo yawe, mu mvugo yawe bwite." Koko, yajyaga gutsinda uriya Muyisilamu kugeza ubwo atashoboraga no kuba yamenya aho ahagaze. Uko ni ukuri.

94 Ariko igihe ibinyamakuru byongeye kugaruka, icyo nicyo cyankozeho… nicyo cyateye umutima wanjye gusimbuka, igihe bavuze bati, "Nubwo Billy yagombye guhunga kandi bakamwirukana, ni gute Abayisiramu bahakana ibi," baravuga bati, "igihe Reverend William Branham aho Durban, muri Afurika y'Epfo, hari ibitangaza byinshi utashidikanyaho, hamwe n'imbaraga za Kimana, igihe ibihumbi icumi by'Abayisiramu bubaraye ku maso yabo icyarimwe maze bakegurira ubuzima bwabo Yesu Kristo..." Ibyo ni ukuri, haricyo bari babiziho. Abo banyamahame hari icyo babiziho. Ntimugire icyo mumbwira.

Igihe kimwe hari umwe waje kuri Yesu, aravuga ati, "Rabbi..." Murazi yari Umufarisayo. Ati, "Tuziko uri Umwigisha wavuye ku Mana. Turabizi. Turabizi, kubera ko nta muntu ushobora gukora ibi bintu Ukora keretse Imana iri kumwe na we. Turasobanukiwe. Turabizi. Ariko ntabwo dushobora kubivuga habona (Murabona?), kubera ko tubivuze, ubwo, twahita dushyirwa inyuma y'itorero ryacu. Murabona, Twatakaza icyubahiro cyacu." Kandi nuko Yesu aramubwira, atangira kumubwira ko n'atabyarwa ubwakabiri.

95 Kuri uwo musore w'Umuyisiramu, igihe yari ahagaze aho; hari ifoto. Camera ntabwo yafotora ibinyoma. Yari ahagaze aho, ukuguru kumwe ari kugufi cyane (35 cm-N.D.T) ugereranije n'ukundi, ahagaze aho n'urwo rukweto rwe rw'icyuma. Ndamubwira, ndavuga nti, "Ese uvuga icyongereza?"

"Oya, mugabo." Ntabwo yashoboraga kuvuga Icyongereza.

Umusobanuzi aravuga ati, "Ntabwo avuga icyongereza."

"Umaze igihe kingana iki umeze gutyo?"

Umusobanuzi aramubaza. Ati "Kuva navuka."

"Ntabwo ushobora kunyeganyeza ukuguru na gato?"

"Oya, mugabo."

"Ese wizera Yesu Kristo?"

Aravuga ati, "Ndi umusiramu."

Ndavuga nti, "Ese uribwemere Yesu Kristo naramuka agukijije?"

"Ndi bwemere Yesu Kristo nk'Umukiza wanjye naramuka Ankijije."

"Ese naramuka agukijije, uko kuguru kukaba nk'ukundi, Ese uribumwemere?"

"Yego."

96 Ndatekereza nti, "Mana, ni iki ugiye gukora?" Iki nicyo cyari ikintu gikurikiyeho. Ibibazo byose byari byasubijwe. Mwene Data Mike, ibyo nibyo byari ibyuyumviro. Ndategereza gato ngo ndebe icyo Yarigiye kuvuga. Ndeba nka hariya; mbona umuhungu arimo kugenda, agenda aho ngaho, agenda yiyegamije igikuta nka gutya; ndavuga nti, "Nibangahe murimwe Basiramu baribumwemere? Hano hari uwo muhungu w'Umusiramu; ndamureba; muhagarika aho." Ndavuga nti, "Abaganga, ese murashaka kumureba? Ngaha aho ahagaze." Oh, mumenye noneho aho uri. Murabona, mumenye noneho aho muhagaze. Nta muntu... Ngaha aho yari ari.

Ndavuga nti, "Erekera muri uru ruhande, muhungu." Maze baramufata, aza nka hano. (nchalu, nchalu) ndavuga nti, "Birasa nkaho gapima, nka cm 30 kugera kuri cm 35 by'ubugufi. Ibintu nk'ibyo."

"Yego."

Ndavuga nti, "Ariko Yesu Kristo Umwana w'Imana ashobora kumukiza. Ese mwe Basiramu muribumwizere kandi mumwemere nk'Umukiza wanyu? Hari ibihumbi by'ibyo biganza byirabura byazamuwe nka gutya." Oh, Mwami, noneho iki nicyo gihe."Ndavuga nti, "Data wo mu Ijuru, niba hari ubwo wigeze unsubiza, unsubize ubu; ibi ni kubw'icyubahiro cyawe; ibi ni Byawe. Ndagusenze ngo ukize uyu muhungu." Maze ndamusengera nka gutyo.

Ndavuga nti, "Kuramo urukweto rwawe." Andeba mu buryo butangaje, umusobanuzi. Ndavuga nti, "Kuramo urukweto rwawe." Ahambura iyo mishumi. Kubera ko nari nabonye iyerekwa, icyari kigiye kuba. Akuramo icyo kintu. Igihe akigaruye maze atambuka ansanga, amuguru yombi ameze neza, kandi yombi arimo agenda nka gutya. Ndavuga nti, "Urashaka kujya inyuma n'imbere?"

Atangira kurira nka gutya, agenda imbere n'inyuma; ntabwo yari azi icyo gukora. Arimo agenda nka gutyo, aravuga ati, "Oh, allah. Allah."

Ndavuga nti, "Yesu. Yesu." oh, "O Yesu, Yesu," Nyuma ati. "Yesu. Yesu," nka gutyo. Ndavuga nti, "Ese hari ikibazo gihari, hari ikibazo?"

97 Julius Stadsklev, nibangahe bamuzi? Mwene Data Stadsklev yaje hano ku rusengero. Yagiye mu Budage. Murabona? Aravuga ati, "Mutegereze umunota umwe, Mwene Data Branham, akanya gato." Ndavuga nti, "Reka nzane ufotora vuba vuba kugira ngo mfate iyi foto?"

Ndavuga nti, "Bikore."

"Ngwino hano, hagarika urukweto rwawe hano." Ahagarara nka gutyo, afata ifoto y'uwo muhungu, hamwe n'ayo maguru yombi ari mazima kandi arambuye nkuko yakwiriye kuba. Aho hari hahagaze urwo rukweto rwe n'iyo mishumi nka gutya… nka gutya.

Ndavuga nti, "Ese ni Abasiramu bangahe baretse Muhamedi ubu nk'umuhanuzi, maze bakizera Yesu ko ari Umwana w'Imana, kandi bakamwemera nk'Umukiza wabo bwite?" Ibiganza ibihumbi cumi birazamurwa… Helleluya. Ntabwo bashakaga…

98 Bagerageje kubicecekesha, kubera ko turi "Abera bigaragura," nkuko batwita. Murabona? Byose kimwe, Imana ikomeza gukora, Ishyira mu mwanya itorero. Irimo gukora ibirenze, Ibisagutse birenze ibyo twashobora gukora cyangwa gutekereza. Ni Imana imwe neza neza kuri uyu mugoroba nkuko Yari iri.

Noneho gato nshuti, reka mbabwire ikintu aka kanya. Bakundwa b'igiciro bantu banjye, mwe muri hano muri iki gihugu, n'abandi bari kumva amakasete abo bari hakurya y'inyanja n'ahandi mwaba muri, ntimugantinye. Buri kintu kiri mu murongo. Data Imana, mbere y'imfatiro z'isi, yari azi buri kintu kizaba. Buri kintu cyarakoraga aho. Muramukunda? Murinde imitima yanyu itunganye.

99 Kandi, mwibuke, igihe uyu mwuka uzava muri ubu buzima, kuri mwe bashaje, cyangwa kuri mwe basore… Kandi namwe ba mama, igihe mubona umwana muto wanyu, uwo mwana muto w'umukobwa apfuye atari yagira iminsi umunani cyangwa iminsi itanu, azaba ari umugore mwiza igihe muzongera kumubona. Uwo sogokuru wamaze guhetama intugu; bimugoye kureba aho arimo kujya; igihe uzamubona, wowe nyogokuru, uzasanga ari umusore muto mwiza cyane, azaba ari muto nko mumyaka makumyabiri, ari mubwiza bwo mu buto. Kandi azamera gutyo iteka. Ushobora gufata ikiganza cye; ushobora kumusuhuza. Ushobora kumuhobera, ntabwo azaba ari umugabo wawe azaba ari mwene So. Oh, mbega. Azaba aruta cyane umugabo wawe. Utekereza ko umukunda? Nyakuri uramukunda. Ariko urwo ni urukundo rw'umubiri [phileo]; tegereza gato ugire urukundo rw'Imana [Agapao]. Tegereza nyakuri ugere

ubwo Urukundo rwa Kimana rw'ukuri rugufata, noneho uzareba ibyo ari byo.

Ibi hano bimeze nk'aho barunda imyanda; ntabwo ari byiza; nta kintu kiri muri byo. Inama imwe gusa nakugira ubu, ni iyi, nshuti yanjye.

100 Mu kanya gato nyuma ndibuze… Ese mwakwemera ko mfata ibindi bice bibiri mu kindi gihe? Mwami… Ndagomba kuruhuka mbere yo kujya Chatauqua.

Noneho, ntabwo nshobora kubwiriza ibi bintu mu materaniro. Haba hari imyizerere myinshi itandukanye. Murabona? Ibi ni iby'itorero ryonyine. Murabona? Ntabwo nashobora kubwiriza… Ariko mfite uburenganzira bwo kubwiriza ibyo nshatse byose hano. Uru ni urusengero rwanjye. Murabona? Kandi ndababwiye. Noneho, nizera ko bariya bantu bakijijwe. Yego, mugabo, nyakuri ndabyizera. Ariko oh, ni iki cyaruta kugenda igihe uzi aho urimo ugenda. Ni iki cyaruta... kumenya icyo urimo gukora, (Murabona?), aho kugira ngo udandabirane, utegwe. Reka duhagarare mu Mucyo, kandi tugendere mu Mucyo, kandi tumenye inzira turimo kwerekezamo. Uko ni ukuri. Umwami abe hamwe na mwe.

101 Kandi niba buri wese muri mwe hano ubu atari yashyirwa mu mwanya w'igihagararo… ushobora kuba nta kindi ukora uretse kuba umugore mu rugo. Rero, ukavuga uti, “Mwene Data Branham, nta kintu nigeze nkora mu buzima bwanjye. Ntabwo ndi umubwiriza.” Rero, ahari Imana yakuzanye hano kugira ngo urere uwo muryango w'abana, muri uwo muryango w'abana hashobora kuvamo undi muryango w'abana, abo bazaba ababwiriza abo bakazana za miliyoni z'abantu kuri Kristo. Ugomba kuba uri hano. Uri hano kubera impamvu. Ese ibyo murabizi?

Rero, uravuga uti, “Ibyo nzi gukora gusa ni ukurima ubutaka. Kandi nkajyayo kugera nimugoroba, ntabwo nzi n'uburyo nabeshaho abana banjye. Nkareba abo bana bari aho batambaye n'inkweto. Nkicara aho nkarira. Mfite iryo gare ridatwikiriye rishaje, kandi njye na mama tujya gusenga.” Ntugatinye, mwene Data. Ujye ukomeza ukunde Umwami; Afite umugambi kuri wowe. Ujye uguma uko uri; ukomeze gutyo. Murabona? Ushobora kuba utashobora kubwiriza ikibwiriza, ariko ushobora kuba uzaba sekuruza w'uzabikora.

102 Ese uziko Imana ibitanga (Reka turebe noneho, Izina rye ni nde?) Levi, kubwo kuba yarishyuye icyacumi ubwo yari mu rukiryi rw'Abraham, igihe Melikisedeki yahuraga na we? Ni bangahe bazi ibyo? Kandi reka turebe, Abraham yabyaye Isaka; Isaka abyara Yakobo; Yakobo abyara Levi, ari we wari se, sekuru, sekuruza. Igihe yari mu rukiryi rwe, mu mbuto ya sekuruza, Bibiliya yamuhaye kuba ari we wishyuye icyacumi kuri Melikisedeki. Oh, mbega, mbega, mbega mwene data. Oh, njye...

103 Nkuko uwo mugore muto w'umwongereza yakuruwe aho mu Bwongereza umugoroba umwe akavuga ati, “Ndanezerewe. Ndanezerewe.” Yego, ndanezerewe kumenya ko ibi ari ukuri. Kandi ku munsi w'igiciro, ntabwo nzi ngo ni gihe ki uwo munsi uzazira, ariko niba ibyo ari iyerekwa.. Ntabwo navuga ko nari hano. Mwibuke, igihe cyose mujye muzirikana ibi mu bitekerezo byanyu; reka n'abafata amakasete bakore nka byo. Naba ndi mu iyerekwa cyangwa nagiye mu Mwuka, ntabyo mba nzi. Ariko biba ari ukuri nkuko mfashe Mwene Data Neville gutya, biba ari ukuri. kandi mba nshobora kureba ndetse nkavugana n'abo bantu. Kandi aho hari hahagaze umugore wanjye wa mbere; ntabwo yasakuje ngo, “Umugabo wanjye”; yaravuze ati, “Mukundwa mwene Data.”

104 Aho hari hahagaze umukobwa nakundaga kugendana nawe mu myaka yashize. Ahari bamwe muri abo bantu bicaye hano, Alice Lewis wo muri Utica, yari umukobwa mwiza w'Umukiristu. Yashatse atinzeho gato, kandi yagize umwana we wa mbere, maze apfa arimo kubyara; Alice Lewis. Nagiye mu muhango wo gushyingura mu rugo kugira ngo mubone. Ngera mu rugo; numva ko yapfuye. Ndamanuka, nta muntu wari mu cyumba, ndavuga nti, “Ese hari umugore hano, Mrs...” Izina rye ni Emmerke. Yari yarashatse umuhungu w'Umukristo mwiza, kandi yari umukobwa mwiza w'Umukristo. Nabaga ndikumwe n'uwo mukobwa ahantu hose, ahantu hose, na buri kintu, nk'abana, imyaka cumi n'umunani, imyaka cumi n'icyenda, ahantu hose. Umukristo mwiza, nta kindi nari muziho uretse kuba ari Umukristo w'umwimerere. Kandi nari umunyabyaha. Ariko nashoboraga kugendana nawe. Tukagenda... Kandi umugabo we ni Umukristo wavutse bwa kabiri, umuntu muzima. Kandi ntabyo narinzi; Narinziko yapfuye; nari nabibonye mu kinyamakuru. Maze ndamanuka; barabimbwira. Ndamanuka njya aho kuri Coots, maze ndavuga nti, “Ese hari Mrs. Emmerke?” Aravuga ati, “Billy, ari hariya mu cyumba.”

Njyamo aho maze mpagarara aho ku ruhande rw'isanduku. Ndatekereza nti, “Alice, nagiye njya mu myobo yo gufungirwamo yijimye, nagiye mu mihanda yijimye. Njye na we twagendanye hamwe aho hepfo mu mihanda no aho hepfo ku mugezi. Igihe bahoze bagira iyo myiyereko, twashoboraga kwicara aho maze tukumva uko bacuranga za calliope. Muri iyo mihanda, mbega uko wari umugore. Mbega uko nshimira Imana kubw'ubuzima bwawe. Uruhuke, mushiki wanjye mukundwa, uruhukire mu mahoro y'Imana.”

105 Kandi irindi joro ndi mu iyerekwa, aza aho arimo yiruka ansanga. Aravuga ati, “Mukundwa mwene Data,” maze arambura amaboko ye arampobera. Oh, oh, mwene Data, mushiki wanje, byarampinduye. Ntabwo nshobora kuba uko nari ndi ukundi. Ni iby'ukuri. Ni iby'ukuri nkuko ndimo kubareba, nyakuri ibyo ni

ukuri. Noneho nta bwoba dufite. Ahari napfa mbere y'uko ijoro ricya.

Ndashaka kurera umuhungu wanjye hariya Joseph. Ndashaka kuzamubona ku gicaniro, igihe nzaba ntabasha gufata Bibiliya… Igihe nzagera aho mbona Yozefu ku gicaniro arimo kubwiriza nk'umuntu muto wuzuye Umwuka Wera, asizwe Umwuka w'Imana kuri we… Kandi ndabyizera ko azaba umuhanuzi. Igihe namubonye imyaka itandatu mbere y'uko avuka, murabyibuka mbabwira ko agomba kuza. Muribuka igihe namufashe hariya iruhande rw'igicaniro, ntazi icyo ndimo mvuga, ndimo negurira Imana abana, ndavuga nti, "Yozefu, uri umuhanuzi."

106 Kandi undi munsi mpagaze aho mu kibanza, aza ansanga, maze aravuga ati, "Papa, ese Yesu afite ikiganza nk'icyawe?"

Maze ndavuga nti, "Rero, nibyo, muhungu. Kubera iki?"

Aravuga ati, "Nari kwigare ryanjye, ndimo ndeba Sara (Uwo ni mushiki we muto.) aje mu rugo avuye ku ishuri." Yicaye aho, ntabwo njya mwemerera kujya mu muhanda; yari yicaye inyuma nka gutya. Nuko aravuga ati, "Ndeba hejuru," kandi ati, "Igihe mbikoze, hari ikiganza kimeze nk'icyawe, hamwe n'ayo maboko yishati yera kimfashe." Maze aravuga ati, "Kirazamuka." Ati, "Ese icyo ni ikiganza cya Yesu?" Ndeba nyina; na nyina arandeba. Turamanuka tujya kwa Mrs. Wood. Sinzi aho ari, yicaye hano. Turamubaza, ibibazo byinshi, imbere n'inyuma, ndetse mu buryo bwose dushoboye. Ryari iyerekwa. Yararibonye. Ubwo nzabasha kubona igihe uyu Joseph muto azaba ahagaze... Niringira kuzabaho nkamubona ashatse, niba Yesu atinze.

107 Kandi ndi umuntuukuze, ubwo bwoya bw'imvi buzengurutse umuhogo wanjye hano. Ndashaka koherezaubundi bugingo miliyoni ebyiri cyangwa eshatu kuri Kristo niba bishoboka. Niicyo niyemeje kubwiriza Ubutumwa Bwiza kuri buri nguni yose y'isi. Yego,mugabo. Noneho umfashe, Mana, mbikore. Noneho igihe nzabona icyo gihe kije,Mwene Data Mike...

Nshobora kureba igihemama, Meda, mwita, umukundwa… Murabona, we… Turimo gusaza, mbona imisatsi yeihinduka imvi, kandi nkabona twe turimo kujya kure, tugenda turangira.

Rebekah, numva nezerewekubwa Rebekah. Uwo mwarimu we umwigisha umuziki yambwiye undi mugoroba, ati,"Mbega, naramuka akomeje kuriya, Mwene Data Branham," ati,"Biragoye gusobanura ibyo azakora." Murabona ajya mu muziki.Ndamushaka, kandi ndashaka… Nshaka Sara kuri orgue, Becky kuri piano; NdashakaJoseph ku gicaniro.

108 Ubwo nindamuka mbonye ibyo bibayeho, noneho njye na mama dushobora kudandabirana, ndi kuri iyo nkoni yanjye ishaje, umugoroba umwe, tukaza aho mu muhanda, maze ngahagarara aho nuko nkabona umuhungu wanjye ahagaze aho asizwe n'Umwuka Wera, arimo abwiriza ubu Butumwa Bwiza bumwe. Ndashaka gufata iki Gitabo gishaje maze nkavuga nti, "Muhungu wanjye, ngiki; ni icyawe. Uzagumane na Cyo. Ntukazigere ugambanira Ijambo na rimwe. Ugumane nacyo, mukundwa. Ntuzite... Ntabwo nitaye kuza kurwanya, n'ubirwanya; Imana izabana nawe. Ubwirize buri Jambo nkuko ryanditsemo Aho; papa muzahurira hakurya y'inyanja." Nakwifuza kuza maze nkamufata mu maboko, umugore wanjye, maze tukambuka Yorodani.

Kugeza icyo gihe, Mana, reka ngume mu murimo, nkiranuka. Reka njye, ntabwo nitaye ku giciro bizansaba, cyangwa niba ari bangahe, icyo nkora, cyangwa iki, na kiriya, cyangwa ikindi. Ureke nkomeze nkiranuke kandi mbe umunyakuri ku Ijambo ry'Imana ihoraho, kugira ngo igihe uwo munsi uzaza, maze nkambuka aho hakurya, maze nkabasha kureba hakurya, noneho nzavuge nti, "Ngaho aho muri. Oh, nshuti z'igiciro, bene Data b'igiciro, bashiki banjye b'igiciro."

109 Babwiriza bato, mujye mu murimo; mugume muyoborwe. Mwese ababwiriza bato n'abandi, ntimukicare aho. Ntimukicare ngo mugume ntacyo mukora. Mwambuke maze mushake ubugingo. Gira icyo ukora. Genda; tangira ugende. Ntugahagarare; mwebwe babwiriza bato aho. Imana ihe umugisha imitima yanyu.

Binyibutsa igihe nari mu kigero cy'iyo myaka, ndatekereza, ahari nari muto kumurusha. Nari mfite nk'imyaka makumyabiri igihe nashyiragaho ibuye ry'ifatizo aho. Ndabyibuka, najyaga nambara ikote ry'ubururu n'ipantalo y'umweru, maze mpagarara aho nuko nshyiraho ibuye ry'ifatizo nko mu myaka mirongwitatu n'umwe ishize. Murabona uko nanganaga, nari umuhungu muto. Narimpagaze aho, nshyiraho iryo buye ry'ifatizo. Ntabwo nigeze ngambanira n'Ijambo na rimwe. Nabikomeje nkuko nashyizeho iryo buye fatizo. Hakurya aho hariyo ubuhamya bwanjye, aho nabwanditse kuri ako gapapuro gasaguka ka Bibiliya, maze ngakuramo , nuko ngashyira muri iryo buye ry'ifatizo, kandi karacyari aho. Kandi bishobora kuba byanditse ku mpapuro z'Imana z'Ijambo ry'iteka mu ijuru. Reka ngume ndi umunyakuri kugeza ku iherezo.

110 Reka twubike imitwe yacu akanya gato ko gusenga. Mu gusoza kuri uyu mugoroba, mugusoza ibi, igice kimwe, atari ugutsindishirizwa. Ugomba kugira n'ibindi, uburyo Ikomeza maze igashyira itorero mu mwanya waryo. Nzabikomeza ikindi gihe, Imana nibishaka. Ndashaka kuruhuka gato mbere y'uko njya

Chatauqua hakurya, mu yandi materaniro, noneho nzambuka mve aho njya Oklahoma...

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7